# RAPORO Y'IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI 2008

Rapport UMUVUNYI 2008.indd 1 19/02/2009 11:47:38

Rapport UMUVUNYI 2008.indd 2 19/02/2009 11:47:38

# Ibirimo


**Ijambo ry'ibanze......7**

**Iriburiro......8**

**1. Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na Yo mu nzego z'ubutegetsi bwa leta n'izigenga......9**

**1.1 Gutegura no gusakaza imfashanyigisho......9**

1.1.1 Imfashanyigisho ku mategeko agenga ubutaka......10

1.1.2 Imfashanyigisho ku mategeko agenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura......10

1.1.3 Imfashanyigisho ku mategeko agenga imiburanishirize y'imanza......11

**1.2 Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu byiciro bitandukanye......11**

1.2.1 Guhugura abaturage bo mu mirenge inyuranye......11

1.2.2 Guhugura abavuga rikijyana (opinion leaders), abahagarariye amashyirahamwe (associations) n'imiryango itegamiye kuri Leta (NGO's)......13

1.2.3 Guhugura abayobozi n'abakozi bo mu nzego z'ibanze bo mu Mujyi wa Kigali......13

1.2.4 Guhugura abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye, amakuru na kaminuza......14

1.2.5 Guhugura abanyamakuru......15

1.2.6 Gukangurira abanyarwanda kugira uruhare mu kurwanya ruswa......16

1.2.6.1 Gutera ibyapa biriho ubutumwa bwamagana ruswa......17

1.2.6.2 Kwerekana ikinamico mu turere......17

1.2.6.3 Gutanga ibiganiro bigamije gukangurira abayobozi n'abaturage kwamagana ruswa......18

**1.3 Gukumira no kurwanya ruswa mu nzego za Leta n'izigenga......19**

1.3.1 Isuzumamikorere rya minisiteri......20

1.3.1.1 Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu (MININTER)......20

1.3.1.2 Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane (MINAFFET)......20

1.3.1.3 Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA)......21

1.3.1.4 Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA)......22

1.3.1.5 Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC)......24

1.3.1.6 Minisiteri y'Ubutabera (MINIJUST)......24

1.3.1.7 Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM)......24

I.3.2 Isuzumamikorere ry'ibigo......25

I.3.2.1 Ofisi y'Ubukerarugendo na Pariki (ORTPN)......25

I.3.2.2 Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Imirimo Ifitiye Igihugu Akamaro (SETIG)......26




Rapport UMUVUNYI 2008.indd 3 19/02/2009 11:47:39

1.3.2.3 Ofisi y'Icyayi (OCIR THE)....27
1.3.2.4 Ofisi y'Amakawa (OCIR CAFE)....28
1.3.2.5 Ikigo cy'Ubushakashatsi mu Buhinzi n'Ubworozi (ISAR)....28
1.3.2.6 Ikigo gishinzwe Indege za Gisiviri (RCAA)....30
1.3.3 Isuzumamikorere ry'Intara....31
1.3.4 Isuzumamikorere ry'amagereza....32
1.3.5 Isuzumamikorere ry'inzego z'ibanze....33
1.3.5.1 Amategeko....33
1.3.5.2 Imikorere, imikoranire n'imiyoborere y'inzego....34
1.3.5.2.1 Inama njyanama....34
1.3.5.2.2 Komite nyobozi....35
1.3.5.2.3 Ubunyamabanga nshingwabikorwa....35
1.3.5.3 Imicungire....36
1.3.5.4 Imitangire ya serivisi....36
1.3.5.5 Ubugenzuzi....36
1.3.5.6 Imiterere ya ruswa....37
1.3.5.7 Ibyifuzo....38

**2. Kwakira ibibazo by'akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego z'ubutegetsi za leta n'izigenga....39**

**2.1 Kwakira no gukemura ibibazo by'akarengane mu mirenge....39**
**2.2 Kwakira no gukurikirana ibibazo by'akarengane byatanzwe mu nyandiko....43**
**2.3 Kwakira no gukurikirana amadosiye avugwamo ruswa....50**
**2.4 Urutonde rw'abahamwe na ruswa....52**

**3. Gutanga, kwakira no gusuzuma inyandiko zigaragaza umutungo....53**

**3.1 Gutanga no kwakira inyandiko zigaragaza umutungo....53**
**3.2 Gusuzuma inyandiko zigaragaza umutungo....59**

**4. Uburyo bwakoreshejwe mu gushyira mu bikorwa inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi...63**

**4.1 Gukora inyigo zigamije kureba uko ruswa yifashe mu gihugu....63**
4.1.1 Ruswa mu nzego z'ibanze....63
4.1.2 Ruswa mu gihugu hose....65

**4.2 Gusuzuma akamaro k'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi....65**
**4.3 Imibanire y'Urwego rw'Umuvunyi n'izindi nzego....66**
**4.4 Ingengo y'imari n'ibikoresho....69**

**5. Ingorane....72**

**6. Ibyifuzo....73**

**Umwanzuro....75**



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 4 19/02/2009 11:47:40

# Imbonerahamwe


**Imbonerahamwe N°1:** Iragaragaza amazina ahabwa ruswa.................................................37
**Imbonerahamwe N°2:** Igaragaza ibibazo byakiriwe mu turere.............................................41
**Imbonerahamwe N°3:** Ibibazo byakiriwe mu ngendo hirya no hino mu turere....................43
**Imbonerahamwe N°4:** Ibibazo byakiriwe mu nyandiko hakurikijwe akarere n'intara.............44
**Imbonerahamwe N°5:** Ibibazo byakiriwe hakurikijwe ibyiciro birimo n'ubwinshi bwabyo....45
**Imbonerahamwe N°6:** Umubare w'ibibazo hakurikijwe urwego bigezeho bikurikiranwa......47
**Imbonerahamwe N°7:** Ibibazo byashyikirijwe izindi nzego zikaba zitaratanga ibisubizo........48
**Imbonerahamwe N°8:** Amadosiye Urwego rwakiriye avugwamo "corruption".....................50
**Imbonerahamwe N°9:** Urutonde rw'abahamwe n'icyaha cya ruswa n'ibihano bahawe........51
**Imbonerahamwe N°10:** Abayobozi Bakuru, Abasenateri, Abadepite, Abaminisitiri................54
**Imbonerahamwe N°11:** Abayobozi n'abacungamutungo bo mu Nteko Ishinga Amategeko (Imitwe yombi)..............................................................54
**Imbonerahamwe N°12:** Abacamanza n'abashinjacyaha.........................................................54
**Imbonerahamwe N°13:** Perezidansi na Minisiteri...................................................................55
**Imbonerahamwe N°14:** Ibigo bya Leta n'ibyo Leta ifitemo imigabane....................................56
**Imbonerahamwe N°15:** Abayobozi n'abakozi b'Intara, Umujyi wa Kigali, Uturere n'Imirenge...58
**Imbonerahamwe N°16:** Amashuri makuru n'ayisumbuye.....................................................58
**Imbonerahamwe N°17:** Gutanga, kwakira no gusuzuma inyandiko zigaragaza umutungo kuva 2004 kugeza 2008.............................................................................60
**Imbonerahamwe N°18:** Imiterere ya ruswa mu nzego z'ibanze.............................................64
**Imbonerahamwe N°19:** Impamvu zitera ruswa mu nzego z'ibanze........................................64
**Imbonerahamwe N°20:** Inzego zigaragaramo ruswa n'uko zikurikirana..................................65
**Imbonerahamwe N°21:** Igaragaza inkomoko y'imari yakoreshejwe mu mwaka wa 2008........70
**Imbonerahamwe N°22:** Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2008......................70
**Imbonerahamwe N°23:** Irerekana uko ingengo y'imari yakoreshejwe mu mwaka wa 2008....71
**Imbonerahamwe N°24:** Irerekana amafaranga Urwego rw'Umuvunyi rwahawe n'abaterankunga mu mwaka wa 2008..............................................71




Rapport UMUVUNYI 2008.indd 5 19/02/2009 11:47:41

Rapport UMUVUNYI 2008.indd 6 19/02/2009 11:47:41



Umuvunyi Mukuru

# Ijambo ry'ibanze

*Buri mwaka raporo y' ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi ishyikirizwa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi, kopi yayo ikagenerwa Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga nk'uko biteganywa n'ingingo ya 23 y'itegeko n°25/2003 ryo ku wa 15/08/2003 rigena imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.*

*Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano yo kwimakaza imiyoborere myiza mu nzego za Leta n'izigenga nk'uko Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ribiteganya.*

*Mu gushyira mu bikorwa iyo nshingano rwahawe, mu mwaka wa 2008 rwakiriye runakurikirana ibibazo by'akarengane rwagejejweho n'abantu ku giti cyabo, amashyirahamwe yigenga n'inzego za Leta. Abafitanye ibibazo barahujwe kugira ngo ibibazo byabo bishakirwe umuti.*

*Mu rwego rwo gukumira akarengane na ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze amahugurwa mu nzego zinyuranye, rusura kandi rugira inama inzego za Leta kugira ngo zirusheho kunoza imikorere.*

*Urwego rw'Umuvunyi rwatanze, rwakira kandi rusuzuma inyandiko z'imenyekanishamutungo z'abayobozi n'abacungamutungo wa Leta bateganywa n'itegeko mu rwego rwo gukumira ruswa no kubamenyereza gukorera mu mucyo.*

*Urwego rw'Umuvunyi rurashimira inzego za Leta, izigenga, abanyarwanda bose n'abaterankunga barufashije kugera ku nshingano zarwo.*

Umuvunyi Mukuru

**Tito RUTAREMARA**



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 7 19/02/2009 11:47:42

# Iriburiro

Mu mwaka wa 2008, Urwego rw'Umuvunyi rwakomeje gushyira mu bikorwa inshingano rwahawe n'Itegeko rigena imiterere yarwo ari zo guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigenga; gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo; kwakira ibibazo by'akarengane; kwakira, kubika no gukurikirana buri mwaka inyandiko zigaragaza imitungo nyakuri y'Abayobozi b'Igihugu n'abandi bakozi bateganywa n'Itegeko Nshinga ryo ku wa 04/06/2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.

Mu rwego rwo gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo rwibanze ku guhugura abayobozi bo mu nzego z'ibanze, abaturage, abavuga rikijyana, urubyiruko, amashyirahamwe n'imiryango itegamiye kuri Leta n'abanyamakuru. Abahuguwe bakanguriwe kwanga akarengane na ruswa, gutunga agatoki aho bivugwa, gukangurira inzego z'ubuyobozi gutanga serivisi inoze kandi ku gihe no gukorera mu mucyo.

Urwego rw'Umuvunyi rwafatanyije n'inzego z'ibanze kurangiza ibibazo by'abaturage mu ruhame, abaturage babigizemo uruhare.

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi ibibazo bigera kuri 1569 muri byo 1314 byararangiye, 255 biracyakurikiranwa.

Mu gikorwa cyo gukumira akarengane ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo mu nzego za Leta harebwaga niba zikora hakurikijwe amategeko azigenga, niba ayo mategeko adaha icyuho akarengane na ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo, niba zifite uko zigenzura n'uko zigenzurwa. Hasuzumwe imikorere ya Minisiteri 8, Ibigo bya Leta 6, Intara zose, uturere 16, imirenge 74 n'utugari 322. Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye kandi amadosiye 462 avugwamo ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Mu gikorwa cyo gutanga, kwakira no gusuzuma inyandiko z'imenyekanishamutungo z'abayobozi n'abacungamutungo wa Leta, hatanzwe inyandiko z'imenyekanishamutungo ku bantu 4929, abazujuje kandi bazigaruriye Urwego rw'Umuvunyi ni 4478 ari bo bahwanye na 91%. Abatarazigaruye ni 451 bangana na 9%. Urwego rw'Umuvunyi rwasuzumye inkomoko y'umutungo w'abantu 227.

Mu kurushaho kuzuza inshingano zarwo, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze inyigo zigamije gusesengura imiterere n'uburemere bwa ruswa mu nzego z'ibanze no mu Gihugu hose, no kumenya akamaro k'ibikorwa byarwo. Izo nyigo zikaba zizafasha Urwego kumenya aho rushyira imbaraga cyane.

Urwego rw'Umuvunyi mu kurangiza inshingano zarwo rwongereye abakozi ubushobozi rubaha amahugurwa n'ingendo shuri, rwitabira n'inama mpuzamahanga zinyuranye zaruhuje n'abandi ba Ombudsman.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 8 19/02/2009 11:47:44




# 1. Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego z'ubutegetsi bwa leta n'izigenga

Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano yo gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego z'ubutegetsi bwa Leta n'izigenga kugira ngo izo nzego zirangwe n'imikorere myiza, zimakaza imiyoborere myiza. Iyo nshingano ishyirwa mu bikorwa hifashishijwe imfashanyigisho zanditse, amahugurwa n'ibiganiro bigenerwa ibyiciro binyuranye by'abaturarwanda.

Muri uyu mwaka, amahugurwa yabereye hirya no hino mu mirenge itandukanye, hahugurwa abayobozi bo mu nzego z'ibanze, abavuga rikijyana (opinion leaders), imiryango itegamiye kuri Leta, itangazamakuru ndetse n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye, amakuru na kaminuza.

## 1.1 Gutegura no gusakaza imfashanyigisho

Urwego rw'Umuvunyi rwateguye imfashanyigisho zigenewe abaturage rushingiye ku ngeri z'ibibazo rwakira. Nk'uko isesengura ryabigaragaje, ibibazo byinshi bishamikiye ku mitungo no ku miburanishirize n'irangiza ry'imanza. Ni yo mpamvu Urwego



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 9 19/02/2009 11:47:47

rw'Umuvunyi rwateguye imfashanyigisho eshatu zikubiyemo amategeko atanga ibisubizo ku bibazo abaturage bibaza n'ibyo bahura na byo, ari zo "*Dusobanukirwe n'amategeko agenga ubutaka*", "*Dusobanukirwe n'amategeko agenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura*" na "*Dusobanukirwe n'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza*".

### 1.1.1 Imfashanyigisho ku mategeko agenga ubutaka

"*Dusobanukirwe n'amategeko agenga ubutaka*" ni imfashanyigisho isobanura ku buryo burambuye imiterere y'ikibazo cy'ubutaka mu Rwanda kuva mbere y'ubukoloni aho ubutaka bwari ubw'umuryango kugeza ubu aho Leta ari yo ifite ububasha bw'ikirenga bwo gucunga ubutaka bwose bw'Igihugu.

Iyo mfashanyigisho itanga ibisobanuro birebana n'Itegeko ngenga N°08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda. Iryo tegeko rigaragaza ko hariho ubutaka bw'abantu ku giti cyabo n'ubutaka bwa Leta. Nyir'ubutaka afite uburenganzira bwo kubukoresha mu buryo bwubahiriza amategeko, akaba afite n'inshingano zo kububyaza umusaruro hakurikijwe icyo bwagenewe gukoreshwa. Nyir'ubutaka ashobora gutakaza uburenganzira abufiteho cyangwa akaba yagenerwa ibihano mu buryo buteganywa n'iryo Tegeko iyo budafashwe neza, nk'iyo butarinzwe isuri, butarimo imyaka cyangwa ibindi bihingwa.

Iyo mfashanyigisho isobanura kandi ibirebana n'Itegeko N°18/2007 ryo ku wa 19/04/2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange. Igikorwa cy'inyungu rusange gishobora kuba icya Leta, icy'ibigo bya Leta, imiryango itegamiye kuri Leta, amashyirahamwe yemewe n'amategeko akorera mu Gihugu cyangwa icy'umuntu bwite, kikaba gifitiye akamaro abantu benshi.

Itegeko rigaragaza ko Leta ari yo yonyine ishobora gutegeka kwimura abantu ku mpamvu z'ibikorwa by'inyungu rusange, habanje gutangwa indishyi ikwiye. Iyo ndishyi ikwiye yishyurwa mu gihe kitarengeje iminsi ijana na makumyabiri uhereye igihe yemerejwe, bitakorwa iryo yimurwa rigata agaciro kereka uwimurwa n'uwimura babyiyumvikaniye. Nta wugomba kwitwaza inyungu ze bwite ngo abangamire ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

### 1.1.2 Imfashanyigisho ku mategeko agenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura

"*Dusobanukirwe n'amategeko agenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura*" ni imfashanyigisho itanga ibisobanuro ku Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'Urwunge rw'Amategeko Mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura. Iryo tegeko rishimangira uburinganire bw'abashyingiranywe ku



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 10 19/02/2009 11:47:48

micungire y'umutungo wabo ndetse n'ubw'abana mu gihe cy'izungura.

Mu bibazo byagaragarijwe Urwego rw'Umuvunyi, harimo kandi ibirebana n'umutungo w'abana b'imfubyi; uwo mutungo ukaba wikubirwa n'ababarera. Imfashanyigisho igaragaza uburyo uburenganzira bw'abana b'imfubyi bwakubahirizwa, harimo ko bagira abishingizi (tutors) cyangwa abantu bakaba ababyeyi b'umwana batabyaye (guardianship). Abishingizi cyangwa abantu babaye ababyeyi b'umwana batabyaye bategetswe gucunga umutungo w'imfubyi mu nyungu z'umwana.

#### 1.1.3 Imfashanyigisho ku mategeko agenga imiburanishirize y'imanza

"*Dusobanukirwe n'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza*" ni imfashanyigisho isobanurira abaturage ibirebana n'imiburanishirize muri Komite y'Abunzi nk'urwego rwegereye abaturage rushinzwe kunga ababuranyi mbere yo gushyikiriza Urukiko ruburanisha mu rwego rwa mbere ibirego mu manza zimwe zigenwa n'Itegeko.

Iyo mfashanyigisho isobanura kandi ibirebana n'imiburanishirize mu nkiko, uko ibirego bitangwa, iburanishwa ryabyo kugeza igihe hafatiwe umwanzuro wa nyuma. Abaturage basobanuriwe kandi inzira zo kujurira cyane cyane ko hari abaturage bashobora kurengana bitewe n'uko batinze gukurikiza zimwe muri izo nzira.

Iyo mfashanyagisho isobanurira abaturage uburyo bwo kurangiza imanza ndetse yibutsa abayobozi bafite inshingano yo kurangiza imanza kuyitaho, barangiza imanza neza kandi ku gihe.

Muri rusange, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye izi mfashanyigisho rugamije gukangurira abaturage gusobanukirwa n'uburenganzira bwabo nk'uko bugenwa n'amategeko; bityo bakarushaho kubaharanira bubahiriza n'ubw'abandi. Abayobozi bashishikarijwe kwita ku nshingano zabo, bagaharanira inyungu z'abaturage. Ni yo mpamvu, uretse ibiganiro bikorerwa mu mahugurwa, izo mfashanyigisho zisakazwa hirya no hino mu Gihugu kugira ngo abaturage bajye bazifashisha mu buzima bwabo bwa buri munsi, bakabasha gukumira ubwabo ibibazo bishobora kuvuka.

## 1.2 Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu byiciro bitandukanye

### 1.2.1 Guhugura abaturage bo mu mirenge inyuranye

Mu mwaka wa 2008, abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagiye mu mirenge 120 mu Turere 30 tw'Igihugu muri gahunda yo guhugura abaturage ku birebana no gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Imirenge yatoranijwe ni imirenge iherereye kure y'icyicaro cy'akarere ku buryo bishobora gutuma abaturage batageza ibibazo byabo by'akarengane ku buyobozi bw'akarere cyangwa ubw'izindi nzego zishinzwe kubakemurira ibibazo



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 11 19/02/2009 11:47:49

mu gihe inzego z'ibanze zibegereye zitabikemuye kandi biri mu nshingano zazo. Imirenge yatoranijwe kandi hashingiwe ku mubare munini w'ibibazo by'akarengane byahagaragaye ndetse no ku mirenge itarasuwe mu mwaka wa 2007.

Ibiganiro byakorewe mu mirenge itandukanye byari bigamije gukangurira abaturage kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, kumenya no gukurikiza amategeko, kwikemurira ibibazo ndetse no kubyirinda bubahiriza amategeko ariho. Abaturage basobanurirwaga ibikubiye mu mfashanyigisho eshatu zavuzwe haruguru, bagahabwa umwanya wo kuzunguranaho ibitekerezo n'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi.

Abaturage basobanuriwe ibirebana n'uburenganzira bwabo ku butaka. Nk'uko babigaragaje, hari igihe bavutswa ubwo burenganzira mu gihe cyo kwimurwa cyane cyane iyo bimuwe badahawe indishyi ikwiye, iyo uwimura atinze kwishyura kandi ibikorwa byabo byangirika, ntibanemererwe gusubirana umutungo wabo ngo bawukoreshe uko bashaka nk'uko Itegeko ribiteganya.

Abaturage bakomeje kugaragaza ibibazo byerekeye isaranganya. Bagaragaje ko hari igihe basaba ko ubuyobozi bwabafasha mu gikorwa cy'isaranganya, bamwe mu bayobozi bakavuga ko bategereje ko hashyirwaho amabwiriza y'isaranganya. Hari kandi n'abaturage basabwa gusaranganya bakabyanga bitwaje ko ari uburenganzira "ntavogerwa" ku mutungo wabo kandi bakavuga ko nta mabwiriza y'isaranganya arashyirwaho.

Icyagarutsweho by'umwihariko muri aya mahugurwa ni imicungire y'umutungo w'abana b'imfubyi kuko usanga abo bana bagaragaza ibibazo by'uko imitungo yabo igurishwa n'ababarera, abo bafitanye amasano cyangwa se abo badafite aho bahurira. Ibyo bikaba byagira ingaruka k'uwaguze (kwamburwa uwo mutungo kandi adasubijwe amafaranga y'ikiguzi yatanze, gusiragira mu nkiko, gutegekwa kwishyura bwa kabiri...) igihe abo bana bitabaje ubutabera bamaze kugira imyaka y'ubukure.

Ku birebana n'imiburanishirize y'imanza, abaturage bakanguriwe kwitabira no gufatanya gukemura ibibazo mu miryango yabo mbere yo kubishyikiriza Komite y'Abunzi cyangwa Inkiko. Bashishikarijwe kandi ko mbere yo gutanga ikirego bagomba gusuzuma inyungu bakura mu rubanza ndetse bakareba niba bafite ibimenyetso kuko hari igihe batsindwa kubera kubura ibimenyetso cyangwa bakaregera Urukiko rutabifitiye ububasha.

Urwego rw'Umuvunyi rwasobanuriye abaturage ko igihe bagiye mu Nkiko bagomba gukurikiza inzira zazo no kwemera imyanzuro zafashe aho gusiragira mu nzego z'ubuyobozi bavuga ko barenganiye mu Nkiko.

Mu mahugurwa yakorewe mu mirenge itandukanye, abaturage basobanuriwe ko irangiza ry'imanza rigamije guha uwatsinze ibintu cyangwa ingurane yabyo afitiye uburenganzira. Niyo mpamvu kutarangirizwa urubanza ari ukuvutswa uburenganzira, hakaba harimo n'akarengane. Basabwe kujya barangiza imanza zabaye itegeko ku bushake,



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 12 19/02/2009 11:47:50

uwatsinzwe yaba atabikoze urubanza rugashyikirizwa umukozi ubishinzwe ni ukuvuga Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari, uw'Umurenge,... kugira ngo rurangizwe ku ngufu za Leta.

Abashinzwe kurangiza imanza bashishikarijwe kujya barangiriza igihe imanza bashyikirijwe n'abaturage, kugira ngo birinde ibihano biteganywa n'amategeko kandi baba buzuza inshingano zabo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu biganiro, abaturage baboneyeho umwanya wo gutanga mu mvugo ibibazo byabo by'akarengane. Ibyo bibazo bikaba bigaragara mu mutwe wa kabiri w'iyi raporo.

### 1.2.2 Guhugura abavuga rikijyana (opinion leaders), abahagarariye amashyirahamwe (associations) n'imiryango itegamiye kuri Leta (NGO's)

Urwego rw'Umuvunyi rwakoresheje amahugurwa agenewe abavuga rikijyana, abahagarariye amashyirahamwe n'imiryango itegamiye kuri Leta ikorera mu turere tunyuranye tw'Igihugu muri gahunda yo kubakangurira kugira uruhare mu miyoborere myiza n'iterambere mu turere batuyemo cyangwa bakoreramo, banoza imikorere, ikanogera abaturage bagenerwa ibikorwa byabo.

Abavuga rikijyana n'abakorera mu miryango itegamiye kuri Leta n'amashyirahamwe ni icyiciro cy'abaturage bajijutse, bityo bakaba bafasha abandi mu gusobanukirwa n'akarengane na ruswa ku buryo baba nk'ijisho ryabo. Kubera ko bakorana buri munsi n'abaturage b'ingeri zitandukanye, bakanguriwe kugira imikorere myiza itarangwamo akarengane na ruswa. Ni yo mpamvu bagaragarijwe imikorere mibi irangwa no gusumbanya abahabwa serivisi, kunyereza no gukoresha nabi umutungo ugenewe abaturage,... Bagomba kurangwa n'amahame yo gutanga serivisi nziza nko kwakira neza ababagana, gukorerwa igenzura n'abahabwa serivisi, kujya nabo inama ku bibakorerwa no kugirana nabo imikoranire myiza.

Abitabiriye amahugurwa basobanuriwe kandi ibikubiye mu mfashanyigisho eshatu zavuzwe haruguru kugira ngo barusheho kwiyongerera ubumenyi, kandi basabwa kubigeza ku baturage mu nama bahuriramo.

Abahuguwe bishimiye intego z'amahugurwa yateguwe n'Urwego rw'Umuvunyi kuko yabafashije mu kunoza imikoranire yabo n'ababagana no mu gusobanukirwa neza n'amwe mu mategeko Igihugu kigenderaho, bityo bakagira uruhare mu gukemura ibibazo cyangwa kugira inama abaturage. Biyemeje gukorera mu mucyo, birinda icyatuma umuturage avutswa uburenganzira.

### 1.2.3 Guhugura abayobozi n'abakozi bo mu nzego z'ibanze bo mu Mujyi wa Kigali

Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye abayobozi n'abakozi bo mu nzego z'ibanze bo mu Mujyi wa Kigali ari bo abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge n'ab'utugari,



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 13 19/02/2009 11:47:50

abashinzwe ibibazo by'abaturage mu mirenge n'abo ku rwego rw'akarere. Ayo mahugurwa yateguwe kubera umwihariko w'ibibazo biboneka mu mirenge igize Umujyi wa Kigali: ibibazo byerekeranye n'imiturire n'ibyo kwimura abaturage kubera inyungu rusange. Ibyo bibazo bishyikirizwa kenshi Urwego rw'Umuvunyi, kandi ugasanga hari ubwo abaturage baba bavutswa koko uburenganzira bwabo.

Kubera iterambere ry'Umujyi wa Kigali, hari abantu benshi bagenda bimurwa kubera ko aho bari batuye hagenewe ibindi bikorwa bijyanye n'imitunganyirize y'imyubakire. Iyo gahunda iberanye n'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali, ariko igomba no kubahiriza uburenganzira bwa muntu ku mutungo we. Ni yo mpamvu abayobozi n'abakozi bo mu nzego z'ibanze basabwe kujya basobanurira abaturage bagomba kwimurwa impamvu hari igikorwa cyo kwimurwa, bakabasobanurira amategeko akigenga kugira ngo bumve ko batarenganywa. Basabwe kandi kujya barengera abaturage igihe hari abashaka kwitwaza icyo gikorwa mu nyungu z'uwimura.

Abayobozi n'abakozi bo mu nzego z'ibanze zo mu Mujyi wa Kigali bahuguwe ku buryo bwo gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego za Leta n'izigenga, gutanga serivisi nziza mu nzego z'imirimo ya Leta ndetse no ku irangiza ry'imanza rikorwa n'abahesha b'inkiko bo mu nzego za Leta.

Abitabiriye amahugurwa biyemeje kurushaho kwegera abaturage no kubakemurira ibibazo bashingiye ku mategeko no ku kuri, bagamije kwimakaza imiyoborere myiza. Abo bayobozi n'abakozi biyemeje by'umwihariko kurangiza imanza ku gihe kugira ngo abaturage badakomeza kurengana.

### *1.2.4 Guhugura abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye, amakuru na kaminuza*

Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye abanyeshuri bo mu bigo by'amashuri yisumbuye, amakuru na kaminuza kugira ngo rubashishikarize gukurana umuco wo kwanga akarengane na ruswa kuko urubyiruko ari amizero y'Igihugu, rukaba rugomba gutegurwa hakiri kare kwita uko bikwiye ku nshingano zarwo.

Ibiganiro bigenewe abanyeshuri byakozwe mu buryo butatu:

- ibiganiro byatangiwe mu mashuri yisumbuye yo mu Mujyi wa Kigali n'ayo mu ntara;
- ihuriro ryahuje urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye, amakuru na kaminuza;
- n'ibiganiro byatangiwe mu ngando z'abanyeshuri.

Ibiganiro byo mu mashuri yisumbuye byaberaga mu kigo cyasuwe bikitabirwa n'abanyeshuri hamwe n'abarezi babo. Ababyitabiraga basobanurirwaga ingeri z'akarengane na ruswa bishobora kugaragara mu mashuri, nko guha umunyeshuri amanota atakoreye, gutonesha bamwe mu banyeshuri, kutita ku murimo w'uburezi, gukopera no kwiyandarika kw'abanyeshuri.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 14 19/02/2009 11:47:51

Akarengane na ruswa mu mashuri bigira ingaruka mbi ku banyeshuri nko kuba abaswa, gukurana ingeso yo kwikubira, gukorana umwete muke. Mu kuzirinda, bagomba kurangwa n'imyifatire iboneye, bitabira ingamba zo kubatoza kuba abakozi beza nko kwita ku nshingano yabo yo kwiga no kwirinda ivangura iryo ari ryo ryose hagati yabo. Abarezi nabo bagomba kudasumbanya abanyeshuri, kandi ntibabashakeho indonke y'amafaranga bitwaza amanota.

Abanyeshuri bagomba gukurana umuco w'ubupfura, bagahora bubahiriza uburenganzira bwa bagenzi babo n'ubw'abandi. Bakanguriwe kwanga no kwamagana ingengabitekerezo ya Jenoside yagiye ivugwa cyane mu mashuri.

Urwego rw'Umuvunyi rwashishikarije abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'amakuru kwibumbira muri "clubs" zirwanya ruswa n'akarengane. Ibyo byakozwe nyuma y'uko habaye Ihuriro ry'urubyiruko rwaturutse mu mashuri yo mu ntara zose. Buri shuri mu mashuri yisumbuye yo mu ntara ryoherezaga abanyeshuri babiri cyangwa batatu naho buri shuri mu mashuri yisumbuye yo mu Mujyi wa Kigali rikohereza umunyeshuri umwe. Buri shuri rikuru na Kaminuza ryoherezaga abanyeshuri babiri. Intego ya "Clubs" ni ugufasha abanyeshuri gushimangira uruhare rwabo mu gukumira no kurwanya ruswa mu bigo by'amashuri n'ahandi hose igihe batari ku ishuri.

Ku butumire bwa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze ibiganiro mu byiciro bitandukanye by'ingando z'abanyeshuri baba bitegura kujya mu mashuri makuru na kaminuza. Izo ngando zibera mu Kigo cya Nkumba mu Karere ka Burera. Abanyeshuri bashishikarizwa kurwanya ruswa n'akarengane haba aho bari cyangwa mu kazi bazakora, kuzarangwa no kwakira neza ababagana babasaba serivisi zinyuranye. Batozwa kuzaba abayobozi n'abakozi bitabira gusohoza uko bikwiye inshingano zabo no guharanira inyungu z'abaturage.

Muri rusange abanyeshuri n'abarezi babo bishimiye ibiganiro bagiranye n'Urwego rw'Umuvunyi kuko bituma basobanukirwa neza ububi bwa ruswa n'akarengane kandi bikabaha umurongo ngenderwaho mu kubaka igihugu kigendera ku mategeko. Biyemeje guhashya akarengane na ruswa mu bigo bigamo n'ahandi hose. Basabye ko n'izindi nzego zajya zibegera zikabaganiriza kuri gahunda zitandukanye za Leta kugira ngo nk'abenegihugu bajye bazitabira bazisobanukiwe kandi bafashe n'abandi baturage kuzishyira mu bikorwa.

#### *1.2.5 Guhugura abanyamakuru*

Urwego rw'Umuvunyi rukorana by'umwihariko n'Itangazamakuru muri gahunda yo gusakaza ibikorwa byarwo no gushishikariza abaturarwanda kugira uruhare mu guhashya akarengane na ruswa. Kubera inshingano yaryo yo kujijura abaturage, Itangazamakuru rifite uruhare runini mu gukumira no kurwanya ibikorwa by'akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ribishyira ahagaragara kandi rinasobanurira abaturage ingamba zo



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 15 19/02/2009 11:47:52

kubirwanya. Abakora mu itangazamakuru bagomba rero gusobanukirwa na ruswa n'akarengane, bakamenya n'imikorere y'inzego zifite mu nshingano zazo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Abanyamakuru bo mu itangazamakuru rya Leta n'iryigenga bahuguwe ku buryo bwo gukora no gutangaza inkuru zijyanye no gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Basobanuriwe uko ibibazo bikurikiranwa kuva bikigezwa ku Rwego rw'Umuvunyi kugera bibonewe ibisubizo. Banasobanuriwe n'ububasha bw'Urwego rw'Umuvunyi butuma rushyira mu bikorwa inshingano rwahawe.

Iyo Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirijwe cyangwa rwimenyeye ikibazo rugikoraho iperereza rirambuye, rugashakisha ibimenyetso byose n'ubuhamya rugamije kumenya imiterere yacyo no gutanga umwanzuro ukwiye kugira ngo uwarenganye arenganurwe. Rugira kandi inama abaturage barugana iyo rusanze ibibazo barugejejeho bitari mu nshingano zarwo bigashyikirizwa izindi nzego bireba kugira ngo zibishakire ibisubizo bikwiye.

Ku birebana no kurwanya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwakira ibibazo bivugwamo ruswa, rukabisuzuma mbere y'uko rubishyikiriza Urwego rwa Polisi rubikoraho iperereza rirambuye. Abanyamakuru basobanuriwe ko Inkiko ari zo zifite ububasha bwo guhamya umuntu icyaha cya ruswa, akaba ari na zo zimugenera ibihano nk'uko biteganywa n'Itegeko.

By'umwihariko, abanyamakuru basobanuriwe ko Urwego rw'Umuvunyi rudasimbura izindi nzego ziriho kandi ko rutivanga mu mikorere yazo kuko bakunze kugaragaza mu nkuru zabo ko rutafashe ibyemezo ibi n'ibi kandi ibyo biri mu nshingano z'urwego runaka. Ni yo mpamvu, buri rwego rugomba kwita ku nshingano zarwo; uruhare rw'Urwego rw'Umuvunyi rwigaragaza iyo hari akarengane cyangwa ruswa byabonetse.

Abanyamakuru kimwe n'abandi baturarwanda bafite uruhare mu gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Bitewe n'uko inkuru batangaza zigera ku bantu benshi kandi b'ingeri zitandukanye, biyemeje gutangaza inkuru zicukumbuye zifite gihamya; bakirinda kugwa mu mutego wa ruswa bashobora guhabwa n'abagamije inyungu zabo bwite.

Abanyamakuru biyemeje kandi ko bagomba gukangurira abaturage kumenya uburenganzira bwabo no kubuharanira, bakanga akarengane na ruswa ndetse bakanagaragaza ahavugwa ruswa, bakabimenyesha inzego zibishinzwe cyangwa itangazamakuru kugira ngo bikurikiranwe cyangwa bishyirwe ahagaragara.

### 1.2.6 Gukangurira abanyarwanda kugira uruhare mu kurwanya ruswa

Mu rwego rwo gukangurira abaturarwanda muri rusange kugira uruhare rugaragara mu kurwanya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwashyizeho gahunda zigamije kubakangurira



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 16 19/02/2009 11:47:53

ububi bwa ruswa. Zimwe muri izo gahunda ni izi zikurikira:

- gutera ibyapa bikangurira kurwanya ruswa;
- kwerekana ikinamico mu turere;
- gutanga ibiganiro bigamije gukangurira abayobozi n'abaturage kwamagana ruswa;
- gutegura ibikorwa by'icyumweru cyo kurwanya ruswa.




*Aha ni hamwe mu hagiye hashyirwa ibyapa bikangurira abantu kwamagana ruswa*

### 1.2.6.1 Gutera ibyapa bikangurira kurwanya ruswa

Ruswa ni imungu y'imiyoborere myiza ikaba kandi inzitizi ku iterambere ry'igihugu. Ni ngombwa ko abaturage basobanurirwa ububi bwayo kandi bagakangurirwa kuyamagana aho bayibonye hose. Ni yo mpamvu Urwego rwafashe ingamba yo gushinga ibyapa bifite ubutumwa bwerekana ko ruswa ari mbi.

Ibyapa byatewe biri mu byiciro bitatu bikurikira :

- Icyiciro cya mbere kigizwe n'ibyapa 325 byashinzwe ku biro by'utugari n'imirenge no ku mahuriro y'imihanda. Ubutumwa bw'ingenzi bwashyizwe kuri ibyo byapa ni uko ubuyobozi buzira ruswa ari umusemburo w'amajyambere;
- Icyiciro cya kabiri kigizwe n'ibyapa 7 byashinzwe ku mipaka ihuza u Rwanda n'ibindi bihugu, biriho ubutumwa bukangurira abaza mu Rwanda kwirinda no kurwanya ruswa. Ibyo byapa byashinzwe ku mipaka ya Rusumo, Kagitumba, Gatuna, Cyanika, Rubavu, Rusizi n'Akanyaru. Muri iki cyiciro hashinzwe kandi ibyapa 4 ku mihanda minini yo mu Mujyi wa Kigali n'ahahurira abantu benshi nko ku Isoko rya Nyabugogo, ku Kibuga cy'Indege cya Kanombe no ku muhanda wo kwa Lando;
- Icyiciro cya gatatu kigizwe n'ibyapa 5 byashinzwe ku nzego nkuru z'igihugu no kuri za Minisiteri ku Kacyiru. Ubutumwa bw'ingenzi bwashyizwe kuri ibyo byapa ni uko ruswa ari imungu y'imiyoborere myiza.

### 1.2.6.2 Kwerekana ikinamico mu turere

Urwego rw'Umuvunyi rwateguye gahunda yo kwerekana ikinamico yitwa « *Ahari abantu ntihapfa abandi* » mu turere twose tw'Igihugu. Iyo gahunda ikaba yari igamije gukangurira abaturage gusobanukirwa na ruswa ndetse n'ingaruka zayo ku buzima bwabo bwa buri munsi. Nyuma yo kwerekwa iyo kinamico abaturage basobanurirwaga imiterere ya ruswa, uko yigaragaza n'uburyo bashobora kuyirinda. Bakangurirwaga kandi



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 17 19/02/2009 11:47:56

kugira uruhare mu kuyirwanya batunga agatoki aho bayibonye.

Muri rusange abaturage bishimiye ubutumwa bukubiyemo muri iyo kinamico, basaba ko gahunda yakomereza mu mirenge kugira ngo igere kuri bose kuko ubutumwa burimo busobanura neza ibikorwa bya ruswa bakwiye kwirinda.



*Ikinamico zikangurira abaturage kugira uruhare mu kwanga ruswa zagiye zikinwa hirya no hino mu Gihugu*

### *1.2.6.3 Ibiganiro n'ibindi bikorwa bigamije gukangurira inzego z'ubuyobozi n'abaturage kwamagana ruswa*

Ibyo biganiro byari bigenewe inzego zitandukanye ndetse n'abaturage byasobanuraga imiterere ya ruswa, ububi bwayo n'uko yigaragaza, bikabakangurira kugira uruhare mu kuyikumira mu nzego bakoreramo n'aho batuye.

Ibiganiro byatangiwe aha hakurikira:

- Urukiko rw'Ikirenga;
- Ikigo cy'amahugurwa cya Mutobo;
- Ingabo z'Igihugu zikorera mu Ntara y'Iburengerazuba;
- Akarere ka Ngororero;
- Akarere ka Nyamasheke;
- Ingabo z'igihugu za Brigade 307 (Muhanga);
- Akarere ka Burera;
- Polisi y'Igihugu;
- Transparency Rwanda;
- Ubuyobozi Bushinzwe Abinjira n'Abasohoka;
- Akarere ka Gisagara n'Akarere ka Rulindo;
- Kuri Televiziyo no ku maradiyo atandukanye.

Ibindi bikorwa byakozwe ni ibi bikurikira:

- kumanika banderole zikangurira kurwanya ruswa ku mihanda yo mu Mujyi wa Kigali;
- Gukoresha no gukwirakwiza uduseke n'ibindi bihangano byanditseho ubutumwa bwo kurwanya ruswa;
- kugira uruhare mu gukoresha amarushanwa y'imiyoborere myiza yabereye mu ntara zose;
- Guhemba uturere twagize uruhare rugaragara mu kurwanya ruswa n'akarengane, ari two Rulindo, Musanze na Gisagara.

Ibyo bikorwa byakozwe mu cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa hashingiwe ku Munsi mpuzamahanga wo kuyirwanya washyizweho n'Icyemezo n° 58/4 cy'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye (ONU) yateranye ku itariki ya 31 Ukwakira 2003 i Merida mu Gihugu cya Mexique.

Intego nkuru iba igamijwe mu cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 18 19/02/2009 11:47:59

ni ugusobanurira abaturage, abakozi n'abayobozi bo mu nzego zinyuranye ububi bwa ruswa no kubashishikariza kugira uruhare mu kuyikumira no kuyirwanya. Insanganyamatsiko yahariwe icyo cyumweru mu mwaka wa 2008 yari "*uruhare rwa buri wese ni ingezi mu kurwanya ruswa*".

Muri rusange, uburyo bwakoreshejwe mu gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo bwatumye abaturage b'ibyiciro bitandukanye basobanukirwa bihagije n'iyo nshingano, bumva neza uruhare rwabo mu kuyishyira mu bikorwa ku bufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi. Inzego n'ibigo bya Leta bigomba kwihatira kubahiriza iyi nshingano mu mikorere yabyo ya buri munsi.

## 1.3 Gukumira no kurwanya ruswa mu nzego za Leta n'izigenga

Mu gukumira akarengane na ruswa mu nzego za Leta, Urwego rw'Umuvunyi rwasuzumye imikorere y'inzego z'ibanze, Minisiteri n'ibigo bya Leta kugira ngo rurebe niba imikorere yazo inoze kandi idaha icyuho ruswa n'akarengane.
Hasuzumwe inzego, minisiteri n'ibigo bikurikira:

- Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA);
- Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu (MININTER);
- Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC);
- Minisiteri y'Ubutabera (MINIJUST);
- Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane (MINAFFET);
- Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM);
- Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA);
- Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Imirimo ifitiye Igihugu Akamaro (SETIG);
- Ofisi y'Icyayi (OCIR THÉ);
- Ofisi y'Ubukerarugendo na za Pariki (ORTPN);
- Ikigo cy'Ubushakashatsi mu Buhinzi n'Ubworozi (ISAR);
- Ikigo Gishinzwe Indege za Gisivili (RCAA);
- Ofisi y'Amakawa (OCIR CAFÉ);
- Intara;
- Amagereza;
- Inzego z'ibanze.

Urwego rw'Umuvunyi rwasuzumaga niba harashyizweho politiki n'amategeko bituma inshingano zishyirwa mu bikorwa, niba gahunda z'ibikorwa zigaragaza intego zatuma ibigamijwe bigerwaho, niba raporo z'ibikorwa zitangwa.

Ku bijyanye n'imiyoborere, Urwego rw'Umuvunyi rwasuzumaga ibi bikurikira:

- kubahiriza amategeko agenga imicungire y'abakozi n'umutungo;
- uko serivisi zitangwa;
- ubugenzuzi;
- imiterere ya ruswa cyangwa ibyuho byayo.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 19 19/02/2009 11:48:00

### 1.3.1 Isuzumamikorere rya Minisiteri

Mu mwaka wa 2008 hasuzumwe imikorere ya Minisiteri zitandukanye mu rwego rwo kureba aho zigeze zishyira mu bikorwa inshingano zihabwa, uko ibikorwa zishinzwe bihuzwa (coordination), n'uko zikorana n'izindi nzego.

#### 1.3.1.1 Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu (MININTER)

Mu gusuzuma imikorere ya MININTER harebwe uko ishyira mu bikorwa inshingano ihabwa. Yashyizweho kugira ngo ihuze kandi ikurikirane ibikorwa bigamije kubungabunga umutekano mu gihugu, bityo ishyiraho politiki y'umutekano na gahunda y'ibikorwa.

Isuzumamikorere ryakozwe ryagaragaje ibitagenda neza bikwiye gukosorwa; ni ibi bikurikira:

- amasezerano kuri gahunda y'ibikorwa hagati ya Minisiteri n'inzego ireberera adakorwa, bishobora gutuma habaho guhuzagurika mu mikorere y'izo nzego;
- kutubahiriza inzira y'itangwa ry'amasoko (kutubahiriza igenamigambi ry'amasoko, gutanga amasoko manini kuri proforma, kudashyira umukono kuri raporo y'itangwa ry'amasoko no kutagaragaza igihe évaluation yabereye) bishobora gutuma isoko rihabwa utarikwiye cyangwa Minisiteri itabona ibikoresho bihendutse kandi byiza;

Kugira ngo MININTER irusheho kugira imikorere inoze, hatanzwe ibyifuzo bikurikira:

- gukora amasezerano yerekeranye na gahunda y'ibikorwa hagati yayo n'inzego ziyishamikiyeho;
- gushyira abakozi mu myanya hakurikijwe ibisabwa n'imbonerahamwe y'imirimo;
- gukurikiza inzira z'itangwa ry'amasoko.

#### 1.3.1.2 Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane (MINAFFET)

Inshingano y'ibanze ya Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane ni ukunoza umubano n'ubuhahirane bw'u Rwanda n'amahanga n'imiryango mpuzamahanga hagamijwe iterambere ry'igihugu. Minisiteri yashyizeho politiki y'ububanyi n'amahanga na gahunda y'ibikorwa iyifasha kugera ku nshingano zayo.

Isuzumamikorere ryakozwe ryagaragaje ko hari ibikwiye gukosorwa ari byo:

- amafaranga y'ubwiteganyirize bw'abakozi adashyirwa ku makonti y'abakozi ba Minisiteri guhera mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2005;
- abakozi bafite inshingano zisa ariko badahembwa kimwe (umugenzuzi w'imbere n'ushinzwe ingengo y'imari bahabwa agahimbazamusyi ariko abashinzwe ubugenzuzi bw'ambasade ntibagahabwe kandi inshingano zabo zisa);



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 20 19/02/2009 11:48:01

- abishyuza amafaranga y'imirimo bakoreye Minisiteri bahora basiragira kuri Minisiteri kuko itaratunganya amadosiye yabo;
- amafishi y'ibikoresho atuzuzwa buri gihe ku buryo bitoroha kumenya ibyasohotse mu gihe runaka n'ibisigaye mu bubiko;
- amasoko atangwa atari kuri gahunda y'amasoko n'andi atangwa ba rwiyemezamirimo batujuje ibyangombwa byasabwe n'igitabo cy'amabwiriza y'isoko;
- imicungire itanoze ya za ambasade irimo no kutubahiriza inama z'ubugenzuzi.

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze ibyifuzo bikurikira byatuma MINAFFET igira imikorere inoze:

- gukurikirana ko amafaranga y'ubwiteganyirize bw'abakozi agera kuri konti zabo;
- guhemba kimwe abakozi bafite inshingano zisa;
- kubahiriza itegeko ry'itangwa ry'amasoko;
- gukurikirana niba za ambasade zubahiriza inama zitangwa n'ubugenzuzi.

#### *1.3.1.3. Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA)*

Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA) ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

- guteza imbere umurimo;
- gushyiraho uburyo bwose bwafasha abantu kwihangira imirimo;
- kongerera abakozi ububasha n'ubushobozi;
- guteza imbere imiyoborere myiza;
- kurandura ubwoko bwose bwa ruswa mu bakozi ba Leta.

MIFOTRA ni rwo rwego rwa Leta rushinzwe gutunganya no gushyira mu bikorwa politiki zitandukanye zigamije kunoza umurimo no gutanga umusaruro ukwiye. Ni muri urwo rwego habayeho ivugururwa ry'inzego za Leta rishingiye kuri politiki yashyizweho. Iryo vugurura ryari rigamije guhuza mu buryo bunoze imiterere y'inzego, uburyo bw'imicungire y'abakozi ndetse n'ubushobozi bw'amafaranga n'ibikoresho Leta ifite.

Minisiteri yashyizeho gahunda yo gufasha abahoze ari abakozi ba Leta mu kubasubiza mu buzima busanzwe, ariko haracyari ibibazo bikurikira:

- ingengo y'imari idahagije yo gufasha gukomeza amashuri, kwiga imyuga no gukora imishinga;
- imibare nyayo y'abagomba gufashwa ntabwo izwi, bikaba ari imbogamizi mu kubategurira za gahunda.

Gahunda y'amahugurwa MIFOTRA yashyizeho igamije kongerera ubumenyi abakozi muri rusange, ariko kuyubahiriza biracyarimo ibibazo bijyanye n'ingengo y'imari idahagije, kutitabirwa n'abo yagenewe n'ibigo bidatanga gahunda y'amahugurwa.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 21 19/02/2009 11:48:01

Nyuma yo gusuzuma imikorere ya MIFOTRA, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama zafasha mu kuvugurura imikorere.

### *1.3.1.4 Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA)*

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) yahawe inshingano yo gushyiraho uburyo buboneye butuma abaturage bagera ku bikorwa remezo byiza kandi birambye : imihanda, itumanaho, imitunganyirize y'umujyi, imiturire myiza habungabungwa ibidukikije n'amashanyarazi. MININFRA yashyizeho politiki yo guteza imbere itumanaho n'itwara ry'abantu ku butaka, politiki yo guteza imbere ingufu ziturukа ku mazi n'amashanyarazi, na politiki yo guteza imbere imiturire na gahunda zitandukanye kugira ngo ziyifashe kugera ku nshingano.

MININFRA ifite abakozi bari mu byiciro 3: abakozi bagengwa na sitati, abakozi bagengwa na kontaro n'abakozi b'inzobere (consultants).

Mu micungire y'abakozi hagaragaye ibibazo bikwiye gukosorwa ari byo ibi bikurikira:

- abakozi bafite inshingano zisa ariko badahembwa kimwe; urugero ni abayobozi b'udushami dutandukanye badahembwa imishahara ingana;
- uburyo bwo gutanga akazi ku nzobere budatangazwa mu buryo buteganywa n'amategeko agenga imitangire y'akazi;
- amadosiye y'abakozi atujuje ibyangombwa bisabwa (impamyabumenyi iriho umukono wa noteri , urupapuro rugaragaza ko atafunzwe[1], kontaro, ibaruwa itanga akazi).

Ku bijyanye n'imicungire y'umutungo hagaragaye ibi bikurikira:

- kudakurikirana neza imikoreshereze y'amafaranga ya Minisiteri;
- gutinda kwishyura avansi yo gutangira imirimo y'ikorwa ry'Umuhanda wa Kicukiro-Nyamata-Mayange byatumye MININFRA yishyura ibihano (pénalités) bingana n'amafaranga miliyoni ijana n'enye n'ibihumbi magana atanu na cumi na birindwi, magana atatu n'atanu y'u Rwanda (104.517.305 Frw).
- MININFRA ifite umugenzuzi w'imbere w'igihe gito ariko ikwiye kugira uwayo kubera ingengo y'imari nini ikoresha.

Nyuma yo gusesengura ibyavuye mu isuzumamikorere rya MININFRA, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze ibyifuzo bikurikira:

- kuvugurura imicungire y'abakozi n'umutungo;
- kubahiriza amategeko agenga uburyo inzobere zitoranywa;
- gushyiraho ingingo ngenderwaho mu gutanga imishahara y'inzobere;

[1] Abatangiye akazi nyuma y'uko itegeko ribiteganya



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 22 19/02/2009 11:48:02

- gushyiraho ubugenzuzi bw'imbere buhoraho.

### *1.3.1.5 Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC)*

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ifite inshingano zikurikira :

- gushyiraho, gukurikirana no gusuzuma politiki na gahunda z'Igihugu mu bijyanye no kwegereza abaturage ubuyobozi n'imiyoborere myiza;
- gushyiraho, gukurikirana no gusuzuma politiki na gahunda bijyanye n'amajyambere rusange harimo gufasha uturere n'Umujyi wa Kigali gushakisha uburyo bwo gushyiraho ibikorwa by'amajyambere hagamijwe kurwanya ubukene;
- gushyiraho, gukurikirana no gusuzuma politiki na gahunda z'Igihugu zijyanye n'imibereho myiza y'abaturage no kurengera abatishoboye.

Kugira ngo MINALOC igere ku nshingano zayo ishingira kuri politiki zikurikira:

- politiki y'imiyoborere myiza;
- politiki yo gufasha abatishoboye;
- politiki y'ikoranabuhanga mu nzego z'ibanze;
- politiki y'amajyambere rusange.

MINALOC yashyizeho kandi za gahunda zo gushyira mu bikorwa politiki zavuzwe haruguru.

Ku byerekeranye no gukurikirana imikorere y'inzego z'ibanze, hagaragaye intege nke muri ibi bikurikira:

- raporo zimwe na zimwe zijyanye n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi ntizitangirwa igihe;
- imyumvire y'abaturage ikiri hasi ituma batitabira uko bikwiye gahunda zitandukanye (umuganda, gacaca, ubwisungane mu kwivuza,..);
- imishinga y'uturere nticungwa ku buryo bunoze (ntirangizwa, ikorwa nabi, ...).

Ku rwego rwa Minisiteri, muri rusange imicungire y'umutungo ni myiza, ariko hagaragaye ibyuho mu kuwukoresha. Bimwe muri byo ni ibi bikurikira:

- kutubahiriza zimwe mu ngingo z'amategeko agenga itangwa ry'amasoko nko kudakurikiza gahunda y'amasoko no kutuzuza amadosiye yayo;
- kutagenzura ibikoresho biri mu bubiko;

Nyuma yo gusesengura ibyavuye mu isuzumamikorere, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze MINALOC ikwiye gukora ibi bikurikira kugira ngo igere ku ntego zayo:

- gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'amajyambere y'igihe kirekire zateguwe n'uturere;
- gukomeza guhugura inzego z'ibanze ku byerekeranye no gukurikirana imicungire n'ikoreshwa ry'amafaranga agenerwa imishinga y'amajyambere;
- kunoza imicungire y'umutungo n'ibikoresho bya Minisiteri;
- kubahiriza amategeko agenga imitangire y'amasoko.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 23 19/02/2009 11:48:03

### 1.3.1.6 Minisiteri y'Ubutabera (MINIJUST)

Inshingano za Minisiteri y'Ubutabera ni izi zikurikira:

- kugeza Igihugu ku mategeko n'ubutabera byubahiriza imiyoborere myiza bishingiye kandi ku mahame y'Itegeko Nshinga;
- kugira inama no guhagararira Guverinoma n'izindi nzego ziyishamikiyeho mu byerekeranye n'amategeko.

N'ubwo MINIJUST igerageza gukoresha neza uburyo ihabwa, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari imbogamizi:

- serivisi zimwe na zimwe zitinda gutangwa, cyane cyane izijyanye no kwishyura imyenda y'irangiza ry'imanza;
- iteganyamigambi ntiriranozwa kubera ko nta politiki zihariye z'ibikorwa bya Minisiteri zirajyaho nka politiki y'ikurikiranabyaha (criminal policy);
- Umunyamabanga uhoraho ntahuza ibikorwa bya Minisiteri nk'uko iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 18 ryo ku wa 10/09/2007 rigena inshingano n'imiterere by'inzego z'imirimo za Serivisi z'Intumwa Nkuru ya Leta/ Minisiteri y'Ubutabera ribiteganya.
- kudakurikiza gahunda y'itangwa ry'amasoko no kudacunga neza amadosiye yayo;
- kutagira gahunda inoze y'amahugurwa y'abakozi;
- kutagira umugenzuzi w'imbere wihariye;
- kutagira uburyo bwo guhana amakuru hagati y'inzego za Leta ku bijyanye n'ubujyanama mu mategeko.

Kugira ngo MINIJUST irusheho kugera ku ntego ikwiye gukora ibi bikurikira:

- kwihutisha ishyirwaho rya politiki zihariye z'ubutabera;
- kubahiriza amategeko agenga imitangire y'amasoko;
- gushyiraho amabwiriza yafasha guhuza ibikorwa bijyanye n'ubujyanama mu by'amategeko;
- kugena gahunda iboneye yo guhugura abakozi;

### 1.3.1.7 Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM)

Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) ifite inshingano zikurikira:

- gushyiraho, gukurikirana no gusuzuma politiki na gahunda z'igihugu mu bijyanye n'ubucuruzi, inganda, ubukerarugendo, ishoramari no guteza imbere za koperative;
- kugenzura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya za politiki yashyizeho;
- kunoza imikoranire hagati ya Minisiteri n'ibigo biyishamikiyeho;
- gukora ikusanyamibare ku bukerarugendo, ubucuruzi, ishoramari n'amakoperative mu Rwanda;
- gushyiraho ingamba ku rwego rw'igihugu zijyanye no kurengera abaguzi.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 24 19/02/2009 11:48:04

Muri rusange MINICOM ishyira mu bikorwa inshingano zayo, ariko mu mikorere yayo hagaragaye imbogamizi zikurikira:

- itegeko ry'ubucuruzi ririho ntirijyanye n'igihe kandi ingingo zimwe na zimwe zaryo ntizubahirizwa (kwiyandikisha mu gitabo cy'ubucuruzi mbere yo gutangira uwo mwuga, gukora inyandiko nyongera yihariye iyo umuntu agiye gukora imirimo yo kuranguza no kudandaza, kugaragaza ibiciro mu mafaranga y'u Rwanda, ...);
- kuba nta politiki n'itegeko by'ipiganwa mu bucuruzi biriho bitanga icyerekezo, bituma hari abacuruzi badatanga inyemezabuguzi, ababika ibicuruzwa bategereje izamuka ry'ibiciro, abazamura ibiciro bagamije inyungu z'ikirenga, abishyira hamwe bagamije kwikubira isoko,..
- abacuruzi batubahiriza amategeko bigatuma uburenganzira bw'abaguzi bubangamirwa;
- imicungire itanoze y'ibikoresho n'ububiko:
    - kudakora neza ibarura ry'umutungo wose wa Minisiteri;
    - inyereza ry'ibikoresho;
    - kudakora ihererekanyabubasha mu micungire y'ibikoresho;
- kutubahiriza zimwe mu ngingo z'amategeko y'itangwa ry'amasoko.

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze ibyifuzo bikurikira:

- kuvugurura itegeko rigenga ubucuruzi rikajyana n'igihe tugezemo kandi abacuruzi bakarihugurirwa;
- kwihutisha ishyirwaho rya politiki n'amategeko bitarajyaho;
- kunoza imicungire y'umutungo wa Minisiteri;
- kubahiriza ingingo zose z'amategeko agenga itangwa ry'amasoko.

### *1.3.2 Isuzumamikorere ry'ibigo*

#### *1.3.2.1 Ofisi y'Ubukerarugendo na Pariki (ORTPN)*

ORTPN ishinzwe guteza imbere ubukerarugendo n'amapariki.

Ubukerarugendo bwinjiza amadovize menshi mu gihugu. Muri rusange ikaba yubahiriza inshingano yahawe.

N'ubwo ORTPN yubahiriza inshingano zayo muri rusange, isuzumamikorerere ryagaragaje ko hari inzitizi ihura na zo:

- abakozi benshi ntibafite ubuzobere buhagije mu bijyanye n'ubukerarugendo kandi ntibahabwa amahugurwa abafasha kuzuza neza inshingano zabo;
- imicungire y'ibikoresho ntinoze;
- amadosiye y'amasoko aratatanye ku buryo gusuzuma amasoko yatanzwe bigoranye;
- kudatanga indishyi ku baturage n'abakozi bayo batakaza ubuzima kubera impanuka baterwa n'inyamaswa, cyangwa bakangirizwa imitungo;
- abayobora ba mukerarugendo n'abarinda amapariki bakora iminsi yose no mu mpera z'icyumweru;



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 25 19/02/2009 11:48:05

- nta bugenzuzi bw'imbere buhoraho.

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama zikurikira kugira ngo imikorere ya ORTPN irusheho kuba myiza:

- gushyira mu mwanya w'ubugenzuzi bw'imbere umukozi uhoraho;
- kunoza imicungire y'umutungo wayo;
- kwihutisha gukemura burundu ikibazo cy'indishyi ku baturage n'abakozi bayo batakaza ubuzima kubera impanuka baterwa n'inyamaswa, cyangwa bakangirizwa imitungo;
- kwihutisha guha buri mukozi uburenganzira ku kiruhuko kingana n'iminsi yakoze mu mpera z'icyumweru no ku makonji;
- kurushaho gukangurira abashoramari gukora iyo mirimo y'ubucuruzi, ORTPN igasigarana umurimo wo kubahugura no kubashakira amasoko muri ba mukerarugendo.

### *1.3.2.2 Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Imirimo Ifitiye Igihugu Akamaro (SETIG)*

SETIG ifite inshingano zikurikira:

- gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inkiko Gacaca ku byerekeye abakatiwe TIG;
- gukurikirana irangizwa ry'igihano nsimburagifungo;
- guha abatijiste amasomo n'ibiganiro bigamije kubahindura imyumvire n'imyitwarire no kubategura gusubira mu buzima busanzwe;
- kugira inama Guverinoma ku bikeneye guhinduka cyangwa kwitabwaho kugira ngo umusaruro urusheho kwiyongera.

Mu mikorere ya SETIG, hagaragaye inzitizi zikurikira zishobora gutuma ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zayo:

– inama z'inzego zishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye Igihugu akamaro ari zo Komite y'igihugu ya TIG, Komite z'uturere n'iz'imirenge ntiziterana uko amategeko abiteganya;
– gukorera mu biro bito no kutagira ibikoresho bihagije cyane cyane mu turere bituma abakozi batisanzura mu mikorere kandi inyandiko zikabikwa nabi;
– kutagira amakuru ahagije ku mibare y'abagomba gukora TIG bitewe n'uko SETIG n'Ubunyamabanga bushinzwe Inkiko Gacaca badahana amakuru;
– uturere tutubahiriza amasezerano twagiranye na SETIG;
– kutagira umugenzuzi w'imbere ukurikirana imicungire y'umutungo;
– gutanga amasoko atateganyijwe;
– kutagenzura ububiko no kudatanga raporo y'imicungire yabwo;
– kwandika umubare utari wo w'ibyagemuwe ku bwumvikane bwa ba rwiyemezamirimo n'abacunga ingando;
– uburiganya bugaragara muri za matolewa z'abakatiwe TIG kugira ngo bakore igihe gito;



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 26 19/02/2009 11:48:05

- kudatanga ku gihe serivisi zigenewe abari mu ngando nk'ibikoresho by'isuku, ubuvuzi, impushya zo gusohoka;
- uburiganya mu guha impushya abatijisiti bajya gusura imiryango yabo hitwajwe impamvu zitari zo;
- abatijiste bakora igihano bataha mu ngo zabo ntibakurikiranwa mu mirimo yabo kandi nta gahunda yo kubahugurira gusubira mu buzima busanzwe bagirirwa;
- abatijisite bamwe barangiza igihano cyabo bakaguma mu ngando batarabona impapuro zibahesha uburenganzira bwo gutaha.

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama zafasha SETIG gukosora imikorere yayo:

- inzego za TIG zikwiye kubahiriza inshingano yo gukora inama mu buryo bwubahirije amategeko;
- abatijiste bakora igihano bataha mu ngo zabo bakwiye gushyirwa mu ngando kuko byagaragaye ko badakurikiranwa ku buryo buhagije, kandi bikanakurura ruswa;
- SETIG ikwiye kujya ishakira abatijiste barangije ibihano byabo impapuro mbere kugirango bazarangize ibihano byabo bahita bataha batarinze kumara ikindi gihe bazitegereje;
- SETIG ikwiye kunononsora serivisi iha abatijiste, byaba mu kubavura no kubaha ibikoresho by'isuku;
- SETIG ikwiye guhagurukira kuziba ibyuho bya ruswa byagaragaye mu bikorwa byayo;
- SETIG ikwiye kubahiriza amategeko agenga amasoko ya Leta;
- SETIG, Serivisi y'Igihugu y'Inkiko Gacaca n'uturere bikwiye kunononsora imikoranire yabyo, ku buryo barushaho guhana amakuru ku mibare y'abatijisite bakatiwe n'ibihano bakatiwe.

### *1.3.2.3 Ofisi y'Icyayi (OCIR THE)*

OCIR THE ni ikigo cyigenga gishinzwe gushyira mu bikorwa no gukurikirana iyubahirizwa rya politiki y'icyayi, gushyiraho amabwiriza y'ubuziranenge bw'icyayi, gutanga impapuro z'inkomoko(certificat d'orgine) no guteza imbere ubuhinzi bw'icyayi.

N'ubwo OCIR THE igerageza kugera ku nshingano zayo, iracyafite imbogamizi zikurikira:

- politiki y'igihingwa cy'icyayi ntabwo irashyirwaho;
- inganda z'icyayi zikoresha ba nyakabyizi benshi harimo n'abazikozemo imyaka myinshi ntibahabwe amasezerano y'akazi;
- inganda nyinshi zirashaje kandi zifite ubushobozi budahagije;
- kugura umusaruro w'icyayi kibisi hagaragayemo ibibazo bikurikira:
    - itwara ry'icyayi ku ruganda;
    - ipimwa ry'icyayi;
    - isesengura ry'ubwiza bw'icyayi;
    - "bonus" ku baturage bagurisha icyayi ku nganda zeguriwe abikorera;
    - imitungo y'amakoperative.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 27 19/02/2009 11:48:06

- Mu ntego OCIR THE yari yihaye hari byinshi bitagezweho. Ingero ni izi zikurikira:
    - kuvana amadolari yinjiraga mu mwaka wa 2003 kuri 23.000.000 akagera kuri 91.000.000 mu mwaka wa 2010. Kugeza mu mwaka wa 2007, yari akiri kuri 34.000.000 US, biragaragara ko iyo ntego ishobora kutagerwaho;
    - kongera imirima y'icyayi n'umusaruro kuri hegitari ntibiragera ku rwego rwari ruteganyijwe.

- mu itangwa ry'amasoko ku biro bikuru bya OCIR THE hagaragaye kutubahiriza ibiteganywa n'amategeko. Ingero ni izi zikurikira:

    - amasoko atangirwa kuri fagitire proforma atangwa n'ushinzwe kugura ibikoresho (logistics officer).
    - kutagaragaza uburyo bwakoreshejwe mu itangwa ry'isoko;
    - inyandiko z'isoko zituzuye.

- imitangire y'amasoko yo mu nganda nayo yagaragayemo inenge.

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze ibyifuzo bikurikira byafasha OCIR THE kunoza imikorere:

- inzego zibishinzwe zikwiye kwihutisha gushyiraho politiki igenga icyayi mu Rwanda;
- OCIR THE ikwiye gukaza umurego kugira ngo ibikubiye mu ngamba (Tea strategy) 2003 -2007 bitagerweho;
- OCIR THE ikwiye kubahiriza amategeko y'itangwa ry'amasoko;
- OCIR THE ikwiye gukemura vuba ikibazo cya ba nyakabyizi n'ikibazo ifitanye n'amakoperative akorana n'inganda zeguriwe abikorera.

### *1.3.2.4 Ofisi y'Amakawa (OCIR CAFE)*

OCIR CAFE ifite inshingano yo guteza imbere igihingwa cy'ikawa, gufasha kongera agaciro kayo, umusaruro wayo, uburyo bwo kuyibika, kuyitunganya no kuyigeza ku masoko.

OCIR CAFE ifite imicungire y'umutungo myiza muri rusange, ariko ifite imbogamizi zikurikira zishobora gutuma inshingano zimwe zitagerwaho neza:

– kutamenya umubare w'ibiti bya kawa biri mu gihugu n'uko ubuso bungana;
– ubushobozi buke bw'abaturage bwo kugura ifumbire ikenewe yo gutera mu biti bya kawa kubera ko ihenda;
– abakozi ba OCIR CAFE bakorera mu turere n'intara ntibafite aho bakorera kandi nta bikoresho bafite.

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze ibyifuzo bikurikira byafasha OCIR CAFE kunoza imikorere:

– kubarura kawa ziteye mu gihugu, uko zimeze, ubuso ziteyeho n'uko busaranganyijwe mu gihugu;
– gushaka uburyo bunoze bwo gutanga no gutera imiti n'ifumbire mu makawa y'abaturage;



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 28 19/02/2009 11:48:07

– gushakira abakozi bo mu turere n'intara aho bakorera n'ibikoresho, abakozi bo ku ntara na bo bakagenerwa uburyo bwo kugenda.

#### *1.3.2.5 Ikigo cy'Ubushakashatsi mu Buhinzi n'Ubworozi (ISAR)*

ISAR ni ikigo cya Leta gifite ubwigenge mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo. Cyagiriyeho gukora ubushakashatsi mu by'ubuhinzi n'ubworozi, amashyamba no mu byo gufata neza ubutaka.

Kuva ISAR yashingwa mu mwaka wa 1930 kugeza mu mwaka wa 1962 mu gihe cy'abakoloni, yacungwaga n'abanyamahanga gusa nta munyarwanda ukoramo.

Nyuma y'ubwigenge, ISAR yagumye mu maboko y'abanyamahanga kugeza mu mwaka wa 1982, ubwo abanyarwanda bafataga ubuyobozi bwayo.

Kugeza mu mwaka wa 1994, ISAR yari igifite ikibazo cy'abakozi bashobora gukora ubushakashatsi.

Muri uwo mwaka kandi ISAR yatakaje abakozi bamwe mu bake yari ifite, abashakashatsi, ibikoresho, ndetse na bimwe mu byari bimaze kugerwaho mu bushakashatsi.

Nyuma ya 1994, ISAR yaravuguruwe ihugura n'abashakashatsi bayo ku buryo intambwe imaze guterwa ishimishije.

N'ubwo ISAR igenda itera intambwe, iracyafite imbogamizi zikurikira:

- Iteka rya Minisitiri rishyiraho akanama kemeza ibyavuye mu bushakashatsi ntirirajyaho;
- umubare w'abashakashatsi ni muto bitewe n'uko kwigisha ubushakashatsi bihenda, kandi bamwe mu bamaze kumenyera bajya gukora ahandi bahabwa umushahara utubutse;
- ubushakashatsi ntiburagera ku ntera yo kuba bwakwihaza kuko bufashwa ahanini n'abaterankunga, bikaba byaba ikibazo gikomeye igihe bahagarika inkunga zabo;
- imicungire mibi y'umutungo:
  - kunyereza amafaranga mu masitasiyo y'ubushakashatsi ya ISAR;
  - gucunga nabi umutungo utimukanwa (amazu atishyurwa, adasanwa, ubutaka butazwi,...);
  - kutubahiriza amabwiriza yo gusohora amafaranga no kubika amafaranga menshi muri "petite caisse";
  - kutamenya no kutagenzura ibikoresho biri mu bubiko n'agaciro kabyo;
  - kudasobanura uko amafaranga yakoreshejwe;
  - raporo z'ubugenzuzi ntabwo zimenyeshwa inama y'ubuyobozi;
  - kutubahiriza amabwiriza y'isaranganywa ry'amafaranga yinjiye aturuka ku bikorwa by'ubushakashatsi (30 % y'ayinjiye asigara mu masitasiyo y'ubushakashatsi, 70% ashyirwa kuri konti ya ISAR bikaba bidakorwa).

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze ibyifuzo bikurikira byafasha ISAR gutera imbere mu mikorere n'imiyoborere myiza:

- gutekereza uburyo bwo kubyaza inyungu ibikorwa by'ubushakashatsi no gukora gahunda y'uburyo yakwihaza idategereje abaterankunga;
- kwihutisha ishyirwaho ry'inyandiko z'amategeko ngengamikorere na ngengamyitwarire y'abakozi kandi akamenyeshwa abakozi bose;
- kongererwa ingufu serivisi y'ubugenzuzi kandi raporo zabwo zikamenyeshwa inama y'ubuyobozi;
- gushyiraho uburyo bwo kwishyuza abantu bayifitiye umwenda byaba ngombwa bakaba banakurikiranwa mu nkiko;
- gukora gahunda y'icyo yakoresha amazu menshi ari mu mutungo wayo.

### *1.3.2.6 Ikigo Gishinzwe Indege za Gisivili (RCAA)*

Inshingano za RCAA ni izi zikurikira:

- kugenzura no gutunganya ibyerekeye gutwara abantu n'ibintu mu kirere;
- gucunga no gukoresha ibibuga by'indege;
- gucunga no kugenzura ikirere;
- gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo bihuje inshingano byo mu rwego rw'akarere cyangwa mu rwego mpuzamahanga.

RCAA ikora gahunda y'igihe kigufi iyifasha gushyira mu bikorwa inshingano zayo, ikurikirana kandi imikorere y'amasosiyeti atwara indege ikanafasha abagenzi iyo babuze imizigo. RCAA itanga serivisi zifasha indege kugwa no kuguruka, na serivisi zifasha abakora mu ndege n'abagenzi.

Mu mikorere ya RCAA hagaragaye inzitizi zikurikira zibangamira ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zayo:

– nta politiki y'ikoresha ry'ikirere n'indege irakorwa kandi ari yo yagombye kuba itanga umurongo rusange wifuzwa n'u Rwanda;
– nta gahunda y'igihe kirekire irakorwa yerekana intego RCAA iharanira kugeraho ugereranyije n'ikibazo gihari mu byo gukoresha indege za gisivili;
– hari amabwiriza atarashyirwaho kandi ari yo shingiro ry'ibikorwa n'ubugenzuzi;
– amategeko n'amabwiriza bihari biri mu nyandiko zitatanye ku buryo bitorohera abakozi n'abashaka serivisi kubona ingingo zishingirwaho mu gikorwa runaka;
– amabwiriza atangwa n'imiryango mpuzamahanga mu by'indege za gisivili ntatangazwa mu Igazeti ya Leta no ku rubuga rwa internet kandi biri mu nshingano, bigatuma abantu batamenya uburenganzira bwabo;



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 30 19/02/2009 11:48:08

- ibibuga byinshi bidakora bituma abakoresha indege batagira ubwisanzure mu kugenda;
- serivisi zimwe abagenzi bakenera zitaratungana bituma havuka ibibazo nko kubura imizigo;
- ingengo y'imari idahagije ituma imirimo imwe idakorwa nk'uko raporo z'ibikorwa zibigaragaza, nyamara abakozi bakagurizwa amafaranga uko yaba angana kose;
- imiterere y'inzego z'imirimo ntishingiye ku itegeko;
- kutubahiriza zimwe mu ngingo z'amategeko y'itangwa ry'amasoko;

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama zikurikira zafasha RCAA kunoza imikorere yayo:

- amategeko yose agenga RCAA akwiye guhurizwa mu gitabo kimwe kugira ngo byorohere abayakenera;
- kwihutisha umushinga w'amategeko ngengamikorere na ngengamyitwarire;
- MININFRA ikwiye gukora umushinga wa Politiki y'iby'indege n'itwara ry'abantu mu kirere;
- gukora gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire;
- kubahiriza ingingo zose z'itangwa ry'amasoko;
- guhagarika kuguriza abakozi, bigakorwa n'inzego zibifitiye ububasha;
- kujyana n'igihe ishaka ibikoresho bigezweho mu micungire y'umutungo n'abakozi.

### *1.3.3 Isuzumamikorere ry'Intara*

Intara ni urwego rw'imitegekere y'igihugu rufite ubwisanzure mu micungire y'imari n'abakozi. Ishinzwe guhuza ibikorwa by'igenamigambi ry'uturere, gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki z'igihugu mu turere tuyigize no kwita ku bikorwa byo kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu.

Intara zishyira mu bikorwa izo nshingano ariko ubushobozi ntibuhagije; urugero: ingengo y'imari ntoya.

Ibyo bituma imirimo imwe n'imwe idatunganywa uko bikwiye nko gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga y'amajyambere ikorera mu turere.

Imicungire y'umutungo w'intara yagaragayemo ibibazo bitandukanye bikurikira:

- ba rwiyemezamirimo batubahiriza amasezerano y'amasoko;
- imishinga ya mbere y'ivugururwa ry'inzego mu mwaka wa 2006 itararangizwa; urugero: imishinga yo kubaka ibiro by'imirenge mu Ntara y'Iburasirazuba;
- gutinda kwishyura ku ruhande rw'akarere bituma imirimo isubikwa itarangiye;
- ingengo y'imari idahagije ituma ibikorwa byinshi bikorerwa mu turere bikurikiranirwa kuri telefoni no mu maraporo;
- inyandiko zigize dosiye z'amasoko zibitse nabi kandi ntizuzuye.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 31 19/02/2009 11:48:09

Intara zifite ingorane yo kwakira ibibazo by'abaturage byagombye kurangirizwa ku mirenge n'uturere kandi zidafite ubushobozi bwo kubikurikirana. Ibyo biterwa ahanini n'uko abaturage batarumva neza ko ubuyobozi bwabegerejwe kugira ngo bubarangirize ibibazo.

Kugira ngo intara zishobore kugera ku nshingano birakwiye ko hakorwa ibi bikurikira:

- kongererera intara ingengo y'imari kugira ngo bashobore gukurikirana imishinga ikorera mu turere n'imikorere y'uturere muri rusange;
- kuzuza no gucunga neza dosiye z'amasoko;
- gushyira ingufu mu gukurikirana ba rwiyemezamirimo batubahiriza amasezerano y'amasoko;
- kwihutisha imishinga y'iyubakwa ry'ibiro by'imirenge aho itararangira;
- inzego zinyuranye zikwiye gufatanya guhugura abaturage kugira ngo bajye biyambaza inzego zibegereye zishinzwe kubarangiriza ibibazo.

### *1.3.4 Isuzumamikorere ry'amagereza*

Isuzumamikorere ryakorewe mu magereza 8 atandukanye kugira ngo harebwe niba imikorere yayo yubahiriza amategeko kandi itagaragaramo ibyuho bya ruswa.

Ibibazo bibangamiye imikorere myiza y'amagereza ni ibi bikurikira:

- Itegeko n°38/2006 rishyiraho kandi rigena imitunganyirize y'Urwego rw'Igihugu rushinzwe imicungire ya za gereza ntiryubahirizwa kuko urwo rwego rutarashyirwaho. Ibyo bigira ingaruka ku mikorere ndetse no ku bakozi b'amagereza bagikomeza guhembwa imishahara bahembwaga mbere y'ivugururwa ry'inzego za Leta ryabaye mu mwaka wa 2006;
- abakozi b'amagereza ni bake kandi ubumenyi bwabo ntibuhagije; urugero: abakora mu bwanditsi;
- ibikoresho bidahagije;
- kutubahiriza uburenganzira bw'abafunzwe:
    - abafungwa barengeje igihe bagombaga gufungwa;
    - abafunzwe badafite kopi y'urubanza;
    - abafunzwe badafite dosiye.
- kutagira gahunda z'inyigisho zigenewe abafunzwe;
- amasoko y'ibyo gereza ikeneye atangirwa ahantu hatandukanye: asaba amafaranga menshi atangirwa muri minisiteri, aciriritse mu karere naho amato agatangwa na gereza, ibyo bigatuma serivisi zitinda;
- amasoko atangwa na gereza ntiyubahiriza ingingo zose z'amategeko bigatuma umutungo wa gereza usesagurwa, bikagira ingaruka ku bafunzwe zirimo kubura ibiribwa n'uburyo bwo kwivuza;
- nta buryo bw'imicungire y'umusaruro n'ububiko (stock) buhari ku buryo bigorana kumenya uko umutungo wifashe;
- komite ncungamutungo ntiziterana nk'uko biteganywa;



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 32 19/02/2009 11:48:10

- abagaragaweho inyereza ntibakurikiranwa buri gihe;
- igenzura ry'amagereza rikorwa na Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu ntirihagije.

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama zikurikira zafasha amagereza kunoza imikorere:

- kubahiriza ibiteganywa n'Itegeko n°38/2006 rishyiraho kandi rigena imitunganyirize y'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imicungire ya za Gereza;
- MININTER ikwiye kujya ikora igenzura rihoraho mu magereza;
- kubahiriza ingingo zose z'itegeko ry'itangwa ry'amasoko;
- birakwiye ko ingengo y'imari igenewe amagereza inyuzwa ku buryo butaziguye ku Rwego rw'Igihugu Rushinzwe Imicungire ya za Gereza; mu gihe rutarajyaho ikanyuzwa kuri Minisiteri;
- ubwanditsi bwa gereza bukwiye gukorwamo n'abantu bahugukiwe mu by'amategeko;
- kunoza imicungire y'amafaranga aturuka ku musaruro wagereza kugira ngo hagabanywe icyuho cyo kuyanyerezwa;
- gufatanya n'inzego bireba gukemura ikibazo cy'abafunzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

### 1.3.5 Isuzumamikorere ry'inzego z'ibanze

Isuzumamikorere ryakorewe inzego z'ibanze mu mwaka wa 2008 ryari rigamije kureba ibi bikurikira:

- amategeko, imikorere, imiyoborere n'imikoranire n'izindi nzego;
- igenamigambi;
- uko inzego zigera ku nshingano;
- imicungire y'umutungo;
- imitangire ya serivisi;
- ubugenzuzi;
- imiterere ya ruswa.

#### 1.3.5.1 Amategeko

Amwe mu mateka akurikira ateganywa n'Itegeko n° 08/2006 ryo ku wa 24/02/2006 rigena imiterere n'imikorere y'akarere ntarashyirwaho:

- Iteka rya minisitiri ufite ubutegetsi bw'igihugu mu nshingano ze rigena imiterere y'inyandiko y'ingengo y'imari y'akarere rivugwa mu ngingo ya 121;
- Iteka rya minisitiri ufite ubutegetsi bw'igihugu mu nshingano ze rigena amabwiriza rusange agenga ibaruramari ry'akarere rivugwa mu ngingo ya 141;
- Iteka rya minisitiri ufite ubutegetsi bw'igihugu mu nshingano ze rishyiraho amabwiriza agenga igenzura ry'ibikorwa n'abayobozi b'akarere rivugwa mu ngingo ya 151.

Ku rwego rw'umurenge n'akagari, inshingano, imiterere n'imikorere bigenwa



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 33 19/02/2009 11:48:10

n'Iteka rya Perezida n° 57/01 ryo ku wa 15/10/2006[2], nyamara byagaragaye ko abayobozi bo mu mirenge n'utugari batagira iri teka; n'aho barifite ntibaryifashisha kuko batarihuguriwe.

### 1.3.5.2 Imikorere, imikoranire n'imiyoborere y'inzego

#### 1.3.5.2.1 Inama njyanama

Muri rusange ibyemezo by'inama njyanama bishyirwa mu bikorwa ibyo bihera kuri komite nyobozi.

- ***Mu Murenge***

Iteka rya Perezida n° 57/01 ryo ku wa 15/10/2006 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'umudugudu, iby'akagari n'iby'umurenge riteganya ko inama njyanama z'umurenge ziterana buri kwezi. Imirenge myinshi ntiyasobanukiwe n'ibikubiye muri iryo teka bituma inama njyanama z'imirenge imwe n'imwe ziterana buri gihembwe iz'iyindi zigaterana buri kwezi.



*Umuvunyi Wungirije Bwana NZINDUKIYIMANA Augustin mu gikorwa cyo kugaragariza raporo y'igenzura ry'Akarere ka Rubavu Njyanama yako.*

- ***Mu karere***

Nyuma y'imyaka ibiri inzego z'ubuyobozi ziriho zigiyeho, isuzumamikorere ryasanze abayobozi bo mu nzego zitandukanye bazi inshingano zabo n'ubwo hamwe na hamwe imikorere ikwiye kunozwa.

Mu turere twose twasuwe inama njyanama ziraterana nk'uko amategeko abiteganya kandi n'inyandikomvugo zazo ziraboneka.

Mu turere twinshi inama za biro, komisiyo n'inama z'abaperezida za njyanama ziraterana ariko haracyari ikibazo cy'inyandikomvugo zitaboneka hamwe na hamwe no kubahiriza umubare w'incuro zigomba guterana.

Mu mwaka wa 2007, byagaragaye ko hari aho inyandikomvugo zitagaragaza niba inama njyanama yateranye isanzwe cyangwa idasanzwe, ahandi inama njyanama zigaterana umubare wa ngombwa usabwa ngo inama njyanama iterane utuzuye (2/3 by'abayigize). Iri suzumamikorere ryagaragaje ko bitakosowe.

[2] Iteka rya Perezida n° 57/01 ryo ku wa 15/10/2006 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'umudugudu, iby'akagari n'iby'umurenge



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 34 19/02/2009 11:48:16

Mu mirenge imwe n'imwe, inyandikomvugo ntziboneka zose ku biro by'umurenge ku mpamvu zimwe na zimwe zikurikira:

- kuba inyandikomvugo zitarakozwe;
- kutagira ubushyinguro bwazo (classement);
- kuba nta kopi umurenge usigarana iyo wohereje inyandikomvugo ku karere;
- kuba umunyamabanga nshingwabikorwa adakora inyandikomvugo y'inama njyanama kandi ari we ubishinzwe.

- ***Mu kagari***

Inama njyanama y'akagari ntijya iterana uko amategeko abiteganya bitewe no kutamenya ayo mategeko kandi akagari ni kanini kandi abaturage bakaba badasobanukiwe n'uruhare rwabo mu miyoborere y'akagari.

**1.3.5.2.2 Komite nyobozi**

- ***Mu karere***

Komite nyobozi ni urwego rushinzwe guhuza ibikorwa by'akarere. Komite nyobozi zikora inama nk'uko amategeko abiteganya ariko hari aho inyandikomvugo z'izo nama ntziboneka.

Komite nyobozi ikorana kenshi inama n'abayobozi b'amashami zigamije kugena za gahunda, gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryazo no gukemura ibibazo by'imikorere no gufata ingamba zikenewe.



*Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi mu gikorwa cy'igenzura ry'imikorere y'akarere ka Musanze*

- ***Mu kagari***

Komite nyobozi y'akagari igabanyijemo inzego ebyiri ari zo komite ishinzwe imiyoborere na politiki (CPA) na komite ishinzwe amajyambere (CDC). Izo komite zose ntizitabira imirimo yazo muri rusange.

**1.3.5.2.3 Ubunyamabanga nshingwabikorwa**

- ***Mu karere***

Ubunyamabanga nshingwabikorwa ni urwego rushinzwe guhuza ibikorwa by'inzego z'imirimo yose ikorerwa mu karere.

Umunyamabanga nshingwabikorwa aha umuyobozi w'akarere raporo y'ibikorwa ya buri gihembwe n'iya buri mwaka. Mu turere tumwe na tumwe raporo ntizitangwa ku gihe.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 35 19/02/2009 11:48:18

- ***Mu murenge***

Ku rwego rw'umurenge, haracyakenewe ubushobozi busumba ubuhari kugeza ubu, cyane mu mirimo ijyanye no gutegura igenamigambi n'ingengo y'imari no gukukurikirana imishinga yagombye gukorwa n'umukozi ufite ubuhanga mu by'ubukungu.

- ***Mu kagari***

Ku rwego rw'akagari, ugereranije n'ibyagaragaye mu mwaka wa 2007, mu mwaka wa 2008 isuzumamikorere ryagaragaje ko nta kintu kinini cyahindutseho. Utugari turacyahura n'imbogamizi zishingiye ku kutagira aho dukorera, kutagira ibikoresho by'ibanze ndetse no kuba abatowe mu rwego rw'akagari batitabira inshingano bahawe.

Mu rwego rwo gukemura ibibazo by'abaturage, hari abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugari batararahira bityo bikaba bituma badashobora kurangiza imanza.

### *1.3.5.3 Imicungire*

Isuzumamikorere ryagaragaje ko icungamari ryagiye rinonosorwa; mu turere barushijeho gukora neza ingengo y'imari. Guverinoma yongerereye uturere ubushobozi kurusha uko byari bimeze mbere.

Bimwe mu bibazo isuzumamikorere ryagaragaje mu micungire ni ibi bikurikira:

- imishahara y'abakozi itwara igice kinini cy'ingengo y'imari isanzwe y'akarere;
- imicungire y'imari igaragaramo ibirarane byinshi;
- kutubahiriza amategeko agenga imicungire y'umutungo w'akarere;
- kutubahiriza zimwe mu ngingo z'amategeko agenga itangwa ry'amasoko;
- imicungire itanoze y'ibikoresho (kudakora "fiches de stock", kudakora ibarura ry'umutungo);
- imicungire y'abakozi idatunganye: amwe mu madosiye y'abakozi ntiyuzuye, amahugurwa ntahagije, ibiruhuko by'abakozi ntibitangwa ku gihe, imisanzu ya CSR n'ubwishingizi bwo kwivuza (RAMA) ntibitangwa uko bikwiye;

### *1.3.5.4 Imitangire ya serivisi*

Inzego z'ibanze cyane cyane ku karere ziragenda zirushaho gutanga serivisi zinoze. Kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage bikorwa neza kurusha uko byari bimeze umwaka ushize ariko haracyagaragara ibibazo bikurikira:

- abaturage ntibarasobanukirwa n'imikorere ya "guichet unique", ahandi abashinzwe "guichet unique" ntibagira aho bakorera;
- hari aho batagira igitabo cyandikwamo ibibazo by'abaturage;

### *1.3.5.5 Ubugenzuzi*

Muri rusange, abagenzuzi b'imari y'uturere bakora neza. Bagerageje gusura imirenge, ibigo by'amashuri, ibigo nderabuzima,...



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 36 19/02/2009 11:48:19

Hamwe na hamwe hagaragaye ko urwo rwego rudafite umukozi, ahandi rukaba rudakora neza.

Raporo z'ubugenzuzi bw'imbere zagiye zigaragaza inenge zikurikira mu mikorere n'imicungire:

- itangwa ry'amasoko ridakurikiza zimwe mu ngingo z'amategeko;
- udutabo dusoresherezwamo tudasubizwa ku gihe giteganywa;
- imicungire y'umutungo idahwitse;
- inyerezwa ry'amafaranga.

Raporo z'ubugenzuzi zigwaho n'inama njyanama ndetse zigakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzo n'inama zatanzwe.

### *1.3.5.6 Imiterere ya ruswa*

Isuzuma ry'imikorere mu nzego z'ibanze ryagaragagaje inyereza ry'amafaranga n'ibyuho bya ruswa bishingiye ku kutubahiriza zimwe mu ngingo z'amategeko y'itangwa ry'amasoko.

Uretse ibyagaragaye mu masoko no mu micungire muri rusange, ruswa ikomeje kugaragara mu nzego zo hasi, mu bunzi no muri gacaca.

Mu duce dutandukanye tw'igihugu, ruswa igenda ifata inyito zitandukanye.

Imiterere ya ruswa muri rusange igaragara mu gice cya 4 cy'iyi raporo yerekeye uburyo bwakoreshejwe.

**Imbonerahamwe N°1** **Iragaragaza amazina ahabwa ruswa.**

| Amazina | Aho aboneka |
|---|---|
| Intego | Rubavu |
| Inzoga y'integano | Rulindo na Burera |
| Wino y'ikaramu | Ngororero |
| Inzoga y'abunzi | Rutsiro |
| Inzoga y'abagabo | Kayonza |
| Inzoga y'abayobozi | Kayonza |
| Guca umurizo | Kicukiro |
| Essence y'umuyobozi | Kayonza |
| Itike | Kayonza |
| Mutuelle | Nyamasheke, Huye |
| Akabindi k'abunzi | Burera |
| Gukanda amaguru y'umuyobozi | Burera |
| Nyobozi (inzoga ya Mützig ihabwa abakuru b'utugari) | Gatsibo |
| Njyanama (inzoga ya Primus ihabwa abayobozi bo mu midugudu) | Gatsibo |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 37 19/02/2009 11:48:20

### *1.3.5.7 Ibyifuzo*

Nyuma y'igenzura ry'inzego z'ibanze, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze ibyifuzo bikurikira:

- Ministeri ifite ubutegetsi bw'igihugu mu nshingano ikwiye kwihutisha ishyirwaho ry'amategeko n'amabwiriza bigenga imikorere y'inzego z'ibanze atarashyirwaho;
- abayobozi b'inzego n'abaturage bakwiye guhugurirwa Iteka rya Perezida n° 57/01 ryo ku wa 15/10/2006 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Umudugudu, iby'Akagari n'iby'Umurenge kugira ngo basobanukirwe uruhare n'inshingano bafite mu miyoborere;
- uturere dukwiye kubahiriza ingingo zose z'amategeko agenga imitangire y'amasoko ya Leta ababirenzeho bakabihanirwa;
- uturere dukwiye guha ingufu ubugenzuzi no guha agaciro raporo buba bwakoze dushyira mu bikorwa inama n'ibyifuzo byatanzwe;
- uturere dukwiye kumenyesha imirenge ibyemezo by'inama njyanama z'uturere;
- umunyambanga nshingwabikorwa w'umurenge akwiye gukora buri gihe inyandikomvugo y'inama njyanama y'umurenge nk'uko iteka rya Perezida ribiteganya;
- imirenge ikwiye gushakira utugari amafaranga n'ibikoresho bihagije biyifasha kurangiza inshingano zatwo;
- birakwiye ko umwanya w'ushinzwe ubunyamabanga n'icungamutungo wazamurirwa ubushobozi akaba yashingwa n'igenamigambi ku murenge kuko uko bimeze ubu uwo murimo nta mukozi uwufite mu nshingano ze;
- akarere gakwiye kurushaho gukurikirana imishinga ikorerwa mu mirenge kandi imirenge igahabwa ubushobozi bwo kubigiramo uruhare;
- uturere twagaragareweho inyereza dukwiye gukurikirana ababigizemo uruhare;
- inzego z'ibanze zikwiye kumenyesha abaturage ibisabwa kugira ngo bahabwe serivisi runaka;
- uturere dukwiye gushakira byihutirwa inyubako utugari n'imidugudu idafite aho ikorera.

Mu mwaka wa 2008 Urwego rw'Umuvunyi rwifashishije uburyo bunyuranye mu gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Amahugurwa n'ibiganiro byatanzwe hirya no hino mu Gihugu mu byiciro bitandukanye by'abaturarwanda hagamijwe kubakangurira kwirinda ibikorwa byose birimo akarengane na ruswa, kubyamagana no kubitunga agatoki aho biri hose. Kugira ngo imiyoborere myiza irusheho gushinga imizi mu Gihugu, hakozwe igenzura ry'inzego z'imirimo ya Leta hagamijwe kuzifasha kunoza imikorere zubahiriza amategeko n'amabwiriza azigenga kandi zitanga serivisi nziza ku bazigana.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 38 19/02/2009 11:48:21



# 2. Kwakira ibibazo by'akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego z'ubutegetsi za leta n'izigenga

Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano yo kwakira, gukurikirana no gufata imyanzuro ku bibazo by'akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Hari ibibazo biba bihuriweho n'abantu benshi bitewe n'imiterere yabyo. Ibyo ni nk'ibibazo birebana no kwimura abantu ku nyungu rusange, ibirebana no kurangiza imanza zaciwe, ibirebana n'abunzi baka ruswa. Mu mwaka wa 2008, hari ibibazo byakiriwe mu mirenge muri gahunda y'amahugurwa yari agenewe abaturage, hari n'ibindi byakiriwe mu nyandiko ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi.

## 2.1 Kwakira no gukemura ibibazo by'akarengane mu mirenge

Nkuko byavuzwe mu mutwe wa mbere w'iyi raporo, Urwego rw'Umuvunyi rwasuye imirenge ruganira n'abaturage kandi rwakira ibibazo nyuma y'ibiganiro.

Urwego rw'Umuvunyi rwakira ibibazo rwubahiriza ihame ryo kutivanga mu mikorere y'izindi nzego no kutakira ibibazo bitashyikirijwe izindi nzego bireba. Ibibazo byakirwaga ni ibyababaga byarashyikirijwe inzego z'ibanze ntizibibonere ibisubizo



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 39 19/02/2009 11:48:23

bikwiye cyangwa se ibireba inzego zindi bitari mu bubasha bw'inzego z'ibanze, nk'ibibazo by'umurimo bireba za minisiteri cyangwa Ibigo binyuranye, ibireba Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi, n'ibindi.

Byinshi mu bibazo byagaragajwe n'abaturage birebana n'imanza zaba izikiburanishwa, izaciwe cyangwa izarangijwe. Ku bibazo by'imanza zikiburanishwa, bagirwaga inama yo gukomeza inzira yo kuburana. Imanza zaciwe zigomba gushyikirizwa ababishinzwe kugira ngo zirangizwe kandi abatsinzwe bakemera imyanzuro yafashwe n'inkiko. Ku bijyanye n'imanza zarangijwe ariko umuturage ntiyishimire uburyo zarangijwe, yagirwaga inama yo kuregera irangizarubanza mu rukiko rwaciye urwo rubanza. Abaturage bashishikarijwe kujya bazibukira ibyo batsindiwe bigahabwa uwatsinze nta mananiza.

Byongeye kandi, hari ikibazo cy'irangiza ry'imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca zikurura akarengane kuko hari ubwo hishyuzwa umuturage waguze umutungo mbere y'uko Inkiko Gacaca zitangira, n'uwahamwe n'icyaha ataraburana. Muri icyo gihe hari abagurishije imitungo yabo barimuka bajya gutura ahandi, Inkiko Gacaca zitangiye zibahamya icyaha cyo gusahura bategekwa kwishyura. Mu kurangiza imanza bajya guteza cyamunara umutungo w'uwaguze aho gukurikirana uwahamwe n'icyaha kandi uwaguze yaraguze na nyir'umutungo mu buryo bwemewe n'amategeko. Ubuyobozi bwasabwaga gusubiza umutungo nyirawo hagashakishwa umutungo w'uwahamwe n'icyaha.

Urwego rw'Umuvunyi kandi rwasanze hari ikibazo cy'abunzi basaba amafaranga kugira ngo bakire ikibazo cy'umuturage cyangwa ngo bamuhe umwanzuro. Icyo kibazo cyagaragaye mu turere tunyuranye tw'igihugu, kandi usanga uruhare runini ari urw'umunyamabanga nshingwabikorwa w'akagari kuko ari we ushinzwe kwakira ibirego by'abaturage no gutanga imyanzuro y'abunzi. Urwego rw'Umuvunyi rwamaganye iyo mikorere mibi runasaba inzego z'ubuyobozi z'imirenge n'uturere kubikurikiranira hafi kugira ngo abaturage badakomeza kurengana.

Abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugari na bo bagaragaje impungenge baterwa n'ikomatanya ry'imirimo: bakira ibibazo by'abaturage mu rwego rw'ubuyobozi, umuturage utishimiye umwanzuro ahawe akaregera abunzi, agasanga umwanditsi ari wa munyamabanga nshingwabikorwa w'akagari ari na we uzajya gushyira mu bikorwa umwanzuro w'abunzi nk'umuhesha w'inkiko, bityo ntamugirire icyizere kuko yumva afite uruhare mu kumurenganya.

Urwego rwakiriye mu mirenge itandukanye ibibazo by'ubutaka n'imiturire bijyanye no kwimura abantu kubera imirimo rusange. Hari abaturage bimurwa badahawe indishyi ikwiye, hakaba n'abandi batishimira agaciro kagenwe n'uwimura. Hari abaturage bimurwa bakamburwa umutungo wabo nta ngurane bahawe (ingero z'abaturage bari bafite amashyamba ku nkengero z'Ishyamba rya Nyungwe ryahawe ORTPN ariko ntibishyurwe, abaturage bari bafite amashyamba mu mbibi z'Ikigo cya Gisirikare cya Nyakinama). Hari



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 40 19/02/2009 11:48:24

kandi abaturage batizwa ubutaka n'akarere cyangwa umurenge, bakabukoreramo ibikorwa bukongera gutizwa undi muturage hatarebwe agaciro k'ibikorwa uwa mbere yashyizemo ngo abyishyurwe.

Ibibazo byinshi byakiriwe byarakemuwe, abaturage bahabwa ibisobanuro birambuye kandi bibanyuze. Ibitarakemuwe byashyizwe mu nyandiko kuko bigomba gukorerwa iperereza rirambuye n'Urwego rw'Umuvunyi kugira ngo bifatirwe imyanzuro. Hari n'ibindi bibazo abaturage bagirwagaho inama ku birebana n'izindi nzego bagomba kubishyikiriza, nk'ibibazo bireba Komite z'Abunzi n'Inkiko Gacaca, kugira ngo abe ari zo zibishakira ibisubizo nk'uko biri mu nshingano zazo.

| Imbonerahamwe N°2 | | Igaragaza ibibazo byakiriwe mu turere. | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| N° | Intara | Umubare w'ibibazo byakiriwe | Ibyakemuwe | Ibyashyizwe mu nyandiko | Ibyoherejwe mu zindi nzego |
| 1. | Intara y'Iburengera-zuba | | | | |
| | Karongi | 59 | 10 | 2 | 47 |
| | Ngororero | 50 | 13 | 0 | 37 |
| | Nyabihu | 17 | 8 | - | 9 |
| | Nyamasheke | 79 | 50 | 5 | 24 |
| | Rubavu | 82 | 54 | 8 | 20 |
| | Rusizi | 56 | 21 | 0 | 35 |
| | Rutsiro | 78 | 52 | 0 | 26 |
| | **Byose hamwe** | **421** | **208** | **15** | **198** |
| 2. | Intara y'Iburasira-zuba | | | | |
| | Bugesera | 61 | 26 | 3 | 32 |
| | Gatsibo | 23 | 9 | 12 | 2 |
| | Kirehe | 47 | 32 | 11 | 4 |
| | Ngoma | 84 | 38 | 9 | 37 |
| | Nyagatare | 32 | 19 | 1 | 12 |
| | Rwamagana | 10 | 3 | 2 | 5 |
| | **Byose hamwe** | **257** | **127** | **38** | **92** |




Rapport UMUVUNYI 2008.indd 41 19/02/2009 11:48:25

| N° | Intara | Umubare w'ibibazo byakiriwe | Ibyakemuwe | Ibyashyizwe mu nyandiko | Ibyoherejwe mu zindi nzego |
|---|---|---|---|---|---|
| 3. | **Intara y'Amajyepfo** | | | | |
| | Gisagara | 12 | 6 | 4 | 2 |
| | Huye | 9 | 3 | 4 | 2 |
| | Kamonyi | 43 | 23 | 4 | 16 |
| | Muhanga | 29 | 20 | 6 | 3 |
| | Nyamagabe | 18 | 9 | 6 | 3 |
| | Nyanza | 49 | 21 | 0 | 28 |
| | Nyaruguru | 23 | 11 | 4 | 8 |
| | Ruhango | 25 | 8 | 4 | 13 |
| | **Byose hamwe** | **208** | **101** | **32** | **75** |
| 4. | **Intara y'Amajya-ruguru** | | | | |
| | Burera | 21 | 14 | 5 | 2 |
| | Gakenke | 15 | 10 | 2 | 3 |
| | Gicumbi | 22 | 12 | 3 | 7 |
| | Musanze | 32 | 7 | 10 | 15 |
| | Rulindo | 45 | 10 | 5 | 30 |
| | **Byose hamwe** | **135** | **53** | **25** | **57** |
| 5. | **Umujyi wa Kigali** | | | | |
| | Gasabo | 33 | 21 | 5 | 7 |
| | Kicukiro | 40 | 20 | 0 | 20 |
| | Nyarugenge | 18 | 10 | 2 | 6 |
| | **Byose hamwe** | **91** | **51** | **7** | **33** |
| **BYOSE HAMWE/ IGIHUGU** | | **1.112** | **540** | **117** | **455** |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 42 19/02/2009 11:48:26

**Imbonerahamwe N°3: Ibibazo byakiriwe mu ngendo hirya no hino mu turere**




**Impugukirwa :**

Gahunda y'Urwego rw'Umuvunyi yaritabiriwe uko bikwiye uretse mu turere tumwe na tumwe batayimenyesheje abaturage mbere bigatuma batayitabira ari benshi (Urugero: Nyanza, Ruhango, Huye, Nyaruguru, Nyamagabe, Nyarugenge).

Gahunda yo kwakira ibibazo mu mirenge ishimwa cyane n'abayobozi n'abaturage kuko abitabira ibiganiro aba ari benshi, bityo nabo bakagira uruhare mu gushyira mu bikorwa ibyo basobanuriwe, ndetse bigafasha n'abandi baturage kumenya uburenganzira bwabo.

## 2.2 Kwakira no gukurikirana ibibazo by'akarengane byatanzwe mu nyandiko

Urwego rw'umuvunyi rwakira buri cyumweru ku cyicaro cyarwo abaturage bafite ibibazo by'akarengane. Abakozi babishinzwe babatega amatwi, bakabaha inama kuri ibyo bibazo. Mu mwaka wa 2008 hakiriwe abaturage 5907. Iyo Urwego rusanze hari ibibazo rwakurikirana kubera imiterere yabyo, ababifite basabwa kubishyira mu nyandiko, hagafungurwa dosiye kugira ngo bikurikiranwe mu nzego zibishinzwe. Bamenyeshwa mu nyandiko imyanzuro byafatiwe cyangwa urwego bigezeho bikurikiranwa nk'uko Itegeko ribiteganya.

Muri rusange, ibibazo by'akarengane bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira ni ibyashyikirijwe Urwego rw'Umuvunyi mu nyandiko.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 43 19/02/2009 11:48:27

**Imbonerahamwe N° 4** Ibibazo byakiriwe mu nyandiko hakurikijwe akarere n'intara

| Intara | Akarere | Umubare |
|---|---|---|
| IBURENGERAZUBA | Karongi | 39 |
| | Ngororero | 27 |
| | Nyabihu | 43 |
| | Nyamasheke | 42 |
| | Rubavu | 65 |
| | Rusizi | 31 |
| | Rutsiro | 19 |
| | **Byose hamwe/ Intara** | **266** |
| IBURASIRAZUBA | Bugesera | 34 |
| | Gatsibo | 55 |
| | Kayonza | 36 |
| | Kirehe | 19 |
| | Ngoma | 36 |
| | Nyagatare | 53 |
| | Rwamagana | 64 |
| | **Byose hamwe/ Intara** | **297** |
| AMAJYEPFO | Gisagara | 20 |
| | Huye | 38 |
| | Kamonyi | 55 |
| | Muhanga | 38 |
| | Nyamagabe | 27 |
| | Nyanza | 26 |
| | Nyaruguru | 21 |
| | Ruhango | 37 |
| | **Byose hamwe/ Intara** | **262** |
| AMAJYARUGURU | Burera | 33 |
| | Gakenke | 48 |
| | Gicumbi | 44 |
| | Musanze | 54 |
| | Rulindo | 27 |
| | **Byose hamwe/ Intara** | **206** |
| UMUJYI WA KIGALI | Gasabo | 238 |
| | Kicukiro | 141 |
| | Nyarugenge | 159 |
| | **Byose hamwe/ Umujyi wa Kigali** | **538** |
| **BYOSE HAMWE/ IGHUGU** | | **1569** |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 44 19/02/2009 11:48:28

Mu mwaka wa 2008, ibibazo 1569 ni byo byashyikirijwe mu nyandiko Urwego rw'Umuvunyi, muri byo harimo 117 byakiriwe muri gahunda yo gusura imirenge. Ibyo bibazo ni byo byakorewe dosiye zigaragara ku Rwego rw'Umuvunyi. Biri mu byiciro bitandukanye, kandi bisumbana mu bwinshi hakurikijwe imiterere ya buri cyiciro.

| **Imbonerahamwe N° 5** | **Ibibazo byakiriwe hakurikijwe ibyiciro birimo n'ubwinshi bwabyo** | | |
|---|---|---|---|
| **N°** | **Icyiciro** | **Umubare** | **Ijanisha** |
| 1. | Ubuyobozi n'umurimo | 444 | 28.29 |
| 2. | Imanza zaciwe n'inkiko | 406 | 25.87 |
| 3. | Imiturire n'ubutaka | 374 | 23.83 |
| 4. | Ibibazo bikiri mu nkiko | 128 | 8.15 |
| 5. | Imicungire y'umutungo n'izungura | 97 | 6.18 |
| 6. | Ibindi | 44 | 2.80 |
| 7. | Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi | 22 | 1.40 |
| 8. | Ubucuruzi | 19 | 1.21 |
| 9. | Imibereho | 18 | 1.14 |
| 10. | Ibigo by'ubwishingizi | 17 | 1.08 |
| | **Byose hamwe** | **1569** | **100** |

**Impugukirwa**

- Ibibazo byerekeye ubuyobozi n'umurimo ni byo bifite umubare munini mu byakiriwe byose. Muri byo hagaragaramo 114 bihwanye na 25.67% birebana n'imperekeza n'ibirarane, 108 bihwanye na 24.32% birebana no kwirukanwa ku kazi hadakurikijwe amategeko, 208 bihwanye na 46.84% birebana no kutishimira imyanzuro y'inzego z'ubuyobozi, 10 bihwanye na 2.25% birebana n'abaturage batahawe akazi kandi baratsinze ikizamini na 4 bihwanye na 0.90% birebana n'abaturage batatangiwe imisanzu yerekeranye n'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 45 19/02/2009 11:48:28

- Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi ibibazo byerekeranye n'imanza zaciwe n'inkiko. Muri byo harimo 203 bihwanye na 50% by'abaturage batishimiye imikirize y'imanza, 163 bihwanye na 40.14% by'abaturage bagaragaje ko imanza zabo zitararangizwa na 40 bihwanye na 9.85% by'abaturage bagaragaje ko imanza zabo zarangijwe nabi.

Ku bibazo by'abaturage batishimiye imikirize y'imanza, Urwego rw'Umuvunyi rusaba ababirugejejeho kurushyikiriza incarubanza zigasuzumwa bakagirwa inama y'inzira bakoresha kugira ngo bajurire cyangwa basubirishemo urubanza, cyangwa bakagirwa inama yo kwemera imyanzuro y'inkiko. Ibyo bibazo byose bikorerwa dosiye, akaba ari yo mpamvu bigaragara mu byakurikiranywe.

Ku birebana n'imanza zaciwe burundu ariko zitararangizwa, Urwego rw'Umuvunyi rusaba abahesha b'inkiko bo mu nzego za Leta gushyira mu bikorwa imyanzuro y'inkiko.
Ku birebana n'imanza zarangijwe nabi, iyo bigaragaye ko hari ibimenyetso bifatika, umuturage ahabwa inama yo kuregera mu Rukiko irangizarubanza ryakozwe nabi cyangwa hagasabwa ko rikosorwa.

- Mu bibazo by'imiturire n'ubutaka, harimo 300 bihwanye na 80.21% birebana n'amasambu, 74 bihwanye na 19.78% birebana n'imiturire. Mu bibazo 300, harimo kandi ibibazo byerekeranye n'itangwa ry'inzuri n'isaranganya. Muri iki gice harimo ibibazo biba bihuriweho n'abantu benshi, cyane cyane ibirebana no kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange n'ibirebana n'isaranganya.

- Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo birebana n'imanza zikiri mu nkiko zitari zaburanishwa ngo zihabwe umwanzuro wa nyuma. Urwego ruzikorera ubuvugizi mu nzego bireba kugira ngo zihabwe itariki yo kuburanishirizwaho mu gihe bigaragara ko zatinze cyane.

- Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye abafitanye ibibazo birebana n'imicungire y'umutungo n'izungura, rukabahuza hashakishwa umwanzuro impande zombi zumvikanyeho, ubwumvikane bwananirana bakagirwa inama yo gushyikiriza ibibazo inzego z'ubutabera zibifitiye ububasha.

- Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi ibibazo birebana n' ubwiteganyirize bw'abakozi mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda, iby'ubucuruzi, iby'imibereho n'ubwishingizi. Urwego rwabikoreye ubuvugizi mu nzego bireba kugira ngo abaturage bahabwe ibyo basaba iyo rusanze babifitiye uburenganzira.

- "Ibindi" ni icyiciro gikubiyemo ibibazo bitavuzwe haruguru. Muri byo hagaragaramo ibibazo by'urugomo, ubwone, ihohoterwa rikorerwa igitsina, ... Urwego rw'Umuvunyi rugira inama abarushyikirije ibyo bibazo kubigeza mu nzego bireba mbere y'uko babirushyikiriza.

Mu bibazo byerekeranye n'ubuyobozi n'umurimo, imanza zaciwe n'inkiko ndetse n'iby'ubutaka, harimo ibigaragaramo imikorere mibi y'abayobozi (maladministration) ndetse na "corruption". Ibyo bibazo ni 422 (26.89%).

Ibyinshi mu bibazo byagejejwe ku Rwego rw'Umuvunyi byarakemuwe, ibindi biracyakurikiranwa nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 46 19/02/2009 11:48:29

| Imbonerahamwe N° 6 | Umubare w'ibibazo hakurikijwe urwego bigezeho bikurikiranwa | |
|---|---|---|
| **URWEGO BIGEZEHO** | **UMUBARE** | **IJANISHA** |
| Ibyarangijwe | 1314 | 83.74 |
| Ibigikurikiranywa | 255 | 16.25 |
| **Byose hamwe** | **1569** | **100** |

- Ibibazo byinshi byashyikirijwe Urwego rw'Umuvunyi byabonewe ibisubizo bikwiye, abaturage basubizwa uburenganzira bari baravukijwe cyangwa bahabwa ibisobanuro bijyanye n'ibibazo byabo hakurikijwe imiterere yabyo n'amategeko. Mu bibazo byarangiye ku Rwego hagaragaramo kandi ibibazo rwashyikirije izindi nzego.

- Ibibazo bigikurikiranwa ni ibibazo biba bitarabonerwa ibisubizo. Muri byo hagaragaramo ibibazo byashyikirijwe izindi nzego mu nyandiko zikaba zitarasubiza Urwego rw'Umuvunyi. Harimo ibibazo byakiriwe mu mwaka wa 2007 kandi byandikirwa amabaruwa muri uwo mwaka ariko akaba atarasubizwa. Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirije urwo rutonde Minisitiri w'Intebe mu ibaruwa N° OMB 03/0786/04/08/ BF yo ku wa 17/04/2008 rumusaba kubaza impamvu izo nzego zidasubiza Urwego rw'Umuvunyi no kuzikangurira gusubiza ku gihe kugira ngo rwuzuze neza inshingano rwahawe.

Hari kandi amabaruwa Urwego rwanditse mu mwaka wa 2008 akaba atarasubizwa. Muri yo, harimo amabaruwa Urwego rwanditse rwibutsa ikibazo.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza urutonde rw'amabaruwa yashyikirijwe inzego zirebwa n'ikibazo akaba atarahabwa ibisubizo. Izo nzego ni Minisiteri, Ibigo bya Leta, Umujyi wa Kigali, Intara n'Uturere.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 47 19/02/2009 11:48:30

**Imbonerahamwe N°7** Ibibazo byashyikirijwe izindi nzego zikaba zitaratanga ibisubizo

## 1. MINISITERI

| MINISITERI | Urutonde rw'amabaruwa Urwego rwanditse mu mwaka wa 2007 atarasubizwa | Urutonde rw'amabaruwa Urwego rwanditse mu mwaka wa 2008 atarasubizwa |
|---|---|---|
| MININFRA | 1 | 2 |
| MININTER | - | 3 |
| MIGEPROF | - | 2 |
| MINALOC | - | 3 |
| MINADEF | 3 | 9 |
| MINIJUST | - | 6 |
| MINIRENA | - | 1 |
| MINEDUC | 2 | 1 |
| MINISPOC | - | 2 |
| MIFOTRA | 4 | 4 |
| MINISANTE | 1 | 1 |
| MINAGRI | - | 2 |
| MINECOFIN | - | 1 |
| **YOSE HAMWE** | **11** | **37** |

## 2. IBIGO BYA LETA

| IKIGO | Urutonde rw'amabaruwa Urwego rwanditse mu mwaka wa 2007 atarasubizwa | Urutonde rw'amabaruwa Urwego rwanditse mu mwaka wa 2008 atarasubizwa |
|---|---|---|
| ORTPN | 2 | - |
| POLISI | 2 | - |
| UBUSHINJACYAHA | 1 | - |
| BRD | 1 | - |
| RRA | 1 | - |
| OCIR THE | 1 | - |
| IMMIGRATION | - | 1 |
| UBUSHINJACYAHA BWA GISIRIKARE | - | 1 |
| ELECTROGAZ | - | 1 |
| PDRCIU | - | 2 |
| RCAA | - | 1 |
| **YOSE HAMWE** | **8** | **6** |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 48 19/02/2009 11:48:31

### 3. INTARA N'UMUJYI WA KIGALI

| UMUJYI/INTARA | Urutonde rw'amabaruwa Urwego rwanditse mu mwaka wa 2007 atarasubizwa | Urutonde rw'amabaruwa Urwego rwanditse mu mwaka wa 2008 atarasubizwa |
|---|---|---|
| UMUJYI WA KIGALI | 5 | 11 |
| IBURASIRAZUBA | 1 | - |
| IBURENGERAZUBA | 2 | - |
| AMAJYEPFO | - | - |
| AMAJYARUGURU | - | - |
| **BYOSE HAMWE** | **8** | **11** |

### 4. UTURERE

| Intara | Akarere | Urutonde rw'amabaruwa Urwego rwanditse mu mwaka wa 2007 atarasubizwa | Urutonde rw'amabaruwa Urwego rwanditse mu mwaka wa 2008 atarasubizwa |
|---|---|---|---|
| **IBURENGERAZUBA** | Karongi | 2 | 2 |
| | Ngororero | - | 1 |
| | Nyabihu | 2 | 2 |
| | Nyamasheke | - | 2 |
| | Rubavu | - | 3 |
| | Rusizi | - | 1 |
| | Rutsiro | 1 | 1 |
| **IBURASIRAZUBA** | Bugesera | - | 2 |
| | Gatsibo | 3 | 2 |
| | Kayonza | 1 | - |
| | Kirehe | - | 1 |
| | Ngoma | 1 | 1 |
| | Nyagatare | 2 | 1 |
| | Rwamagana | 2 | 2 |
| **AMAJYEPFO** | Gisagara | - | 2 |
| | Huye | - | 1 |
| | Kamonyi | 2 | 2 |
| | Muhanga | - | 1 |
| | Nyamagabe | 1 | 1 |
| | Nyanza | 2 | 2 |
| | Nyaruguru | 2 | 4 |
| | Ruhango | 2 | 2 |
| **AMAJYARUGURU** | Burera | 2 | 1 |
| | Gakenke | 1 | 1 |
| | Gicumbi | 1 | 5 |
| | Musanze | - | - |
| | Rulindo | - | - |
| **UMUJYI WA KIGALI** | Gasabo | 5 | 5 |
| | Kicukiro | 5 | 8 |
| | Nyarugenge | - | 2 |
| **YOSE HAMWE** | | **37** | **58** |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 49 19/02/2009 11:48:31

Muri rusange, mu mwaka wa 2007 amabaruwa atarasubijwe ni 64 naho aya 2008 ni 112. Urwego rwongeye gusaba izo nzego kimwe n'izindi zandikirwa kujya zihutira kurusubiza kugira ngo ikibazo gifatirwe umwanzuro kandi umuturage adakomeje gusiragira.

## 2.3 Kwakira no gukurikirana amadosiye avugwamo ruswa

Urwego rw'Umuvunyi rwakira rukanakurikirana ibibazo bya ruswa rugezwaho n'abaturage bireba cyangwa bafite ubushake bwo gutanga amakuru kuri ruswa, ibyo rugezwaho n'izindi nzego, cyangwa ibyo rwimenyeye biturutse ahanini ku igenzura rikorerwa inzego buri mwaka. Iyo rusanze hari ibimenyetso bifatika rwohereza dosiye mu nzego z'ubutabera kugira ngo izo dosiye zikomeze gukurikiranwa kandi inzego z'ubushinjacyaha zishyikirize urukiko abakekwaho ruswa.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza amadosiye avugwamo "corruption" yakurikiranywe n'Urwego rw'Umuvunyi, ayafatiwe umwanzuro, ayashyikirijwe izindi nzego n'agikurikiranwa.

| Imbonerahamwe N° 8 | Amadosiye Urwego rwakiriye avugwamo "corruption" | | | |
|---|---|---|---|---|
| **Ibyiciro** | **Amadosiye yafatiwe umwanzuro** | **Amadosiye yashyikirijwe izindi nzego** | **Amadosiye agikurikiranwa** | **Yose hamwe** |
| Mu nzego z'ubutabera | 5 | - | 1 | 6 |
| Ubuyobozi n'Umurimo | 152 | 5 | 2 | 159 |
| Imikorere mibi mu nzego z'ibanze | 6 | 4 | 1 | 11 |
| Itangwa ry'amasoko | 5 | 2 | 1 | 8 |
| Imenyekanishamutungo | - | 20 | - | 20 |
| Imanza zaciwe n'Inkiko ntizirangizwe | 140 | - | - | 140 |
| Ubutaka n'imiturire | 136 | - | - | 136 |
| Mu madini | 2 | **-** | **-** | **2** |
| **Amadosiye yose** | **24** | **11** | **5** | **482** |

**Impugukirwa** :

- Amadosiye yakurikiranywe avugwamo "corruption" mu nzego z'ubutabera ni ajyanye n'uko abaturage batishimira icibwa ry'imanza, imikorere y'abunzi na polisi;
- Amadosiye yakurikiranywe y'umurimo ni ajyanye n'ibirarane by'abakozi, imicungire mibi y'abakozi, imitangire y'akazi no kwirukanwa bitubahirije amategeko;
- Amadosiye ajyanye n'imikorere mibi, "corruption" mu itangwa ry'ibyangombwa no mu itangwa ry'ibibanza mu midugudu;
- Amadosiye ajyanye n'itangwa ry'amasoko ni ajyanye n'isoko ryo kugaburira abanyeshuri b'Ishuri Rikuru ry'Ubuzima, gukora gahunda y'igihe kirekire ya FARG, imitangire y'amasoko atandukanye yo mu nzego za Leta anyuranyije n'amategeko;
- Amadosiye yo mu madini arebana n'ibijyanye no gutonesha, kunyereza imfashanyo no kwaka ruswa kugira ngo abaturage bashyirwe ku rutonde rw'abafashwa na Caritas.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 50 19/02/2009 11:48:32

## 2.4 Urutonde rw'abahamwe na ruswa

Ingingo ya 7, 8° y'Itegeko n°25/2003 ryo kuwa 15/08/2003 rigena imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu iruha inshingano yo gushakashaka no gutangaza urutonde rw'abahamwe burundu n'icyaha cya ruswa n'ibihano bahawe.

Urwego rw'Umuvunyi rushingiye ku ngingo yavuzwe haruguru, rwegeranyije urutonde rw'abakatiwe burundu n'inkiko kuva mu mwaka wa 2005 kugeza mu kwezi kwa 9/2008.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza abakatiwe kubera icyaha cya ruswa (abantu 179) n'ibihano bahawe.

**Imbonerahamwe N° 9** Urutonde rw'abahamwe n'icyaha cya ruswa n'ibihano bahawe

| Umwaka | Umubare | Igihano bahawe |
|---|---|---|
| 2005 | 17 | Igifungo kiri hagati y'umwaka 1 n'imyaka 5 |
| | 2 | Igifungo kiri hagati y'imyaka 6 n'imyaka 15 |
| | 2 | Igifungo kiri hagati y'amezi 4 n'amezi 5 |
| | 2 | Ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| **BOSE HAMWE** | **23** | |
| 2006 | 51 | Igifungo kiri hagati y'umwaka 1 n'imyaka 5 |
| | 6 | Igifungo kiri hagati y'imyaka 5 n'imyaka 15 |
| | 4 | Igifungo kiri hagati y'amezi 2 n'amezi 8 |
| | 1 | Igihano cya burundu |
| **BOSE HAMWE** | **62** | |
| 2007 | 68 | Igifungo kiri hagati y'umwaka 1 n'imyaka 5 |
| | 4 | Igifungo kiri hagati y'imyaka 5 n'imyaka 15 |
| | 4 | Ihazabu |
| | 3 | Igifungo kiri hagati y'amezi 2 n'amezi 8 |
| **BOSE HAMWE** | **79** | |
| 2008 | 13 | Igifungo kiri hagati y'umwaka 1 n'imyaka 5 |
| | 2 | Igifungo kiri hagati y'imyaka 6 n'imyaka 10 |
| **BOSE HAMWE** | **15** | |
| **IGITERANYO RUSANGE** | **179** | |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 51 19/02/2009 11:48:33

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo binyuranye birimo akarengane na ruswa. Bimwe mu bibazo by'akarengane byakiriwe ku cyicaro cy'Urwego ba nyirabyo babyizaniye cyangwa babyohereje mu nyandiko, ibindi byakiririwa mu ngendo Urwego rwakoreye mu mirenge igize uturere twose tw'Igihugu. Ibyinshi mu byari mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi byarakurikiranywe bifatirwa umwanzuro, ibindi bikaba bigikuriranwa, naho ibitari mu nshingano zarwo byoherejwe mu nzego bireba kugira ngo zibikemure.

Ibibazo bigaragaramo ruswa Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye biturutse mu baturage, mu zindi nzego cyangwa mu igenzura Urwego rukora mu nzego za Leta na byo byarakurikiranywe bimwe bifatirwa umwanzuro, ibindi bishyikirizwa inzego z'ubutabera kugira ngo zibikurikirane.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 52 19/02/2009 11:48:35



# 3. Gutanga, kwakira no gusuzuma inyandiko zigaragaza umutungo

Mu nshingano Urwego rw'Umuvunyi rwahawe harimo n'igikorwa cyo kwakira no gusuzuma inyandiko zigaragaza umutungo w'abayobozi b'igihugu mu nzego zose n'abacungamutungo ba Leta bateganywa n'itegeko, n° 17/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 25/2003 ryo ku wa 15/08/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego ry'Umuvunyi, mu ngingo yaryo ya 3 - 4°, hagamijwe kwimakaza imiyoborere myiza.

Mu gushyira mu bikorwa iyo nshingano, mu mwaka wa 2008 hakozwe ibikorwa byo gutanga no kwakira inyandiko zigaragaza umutungo no kuzisuzuma.

## 3.1 Gutanga no kwakira inyandiko zigaragaza umutungo

Mu mwaka wa 2008 Urwego rw'Umuvunyi rwagejeje ku bayobozi bo mu nzego zose n'abacungamutungo wa Leta bateganywa n'itegeko aho bari hose mu Gihugu no hanze yacyo inyandiko zigaragaza umutungo wabo ngo bazuzuze bazigarurire Urwego mu gihe giteganywa n'itegeko. Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe zikurikira, abenshi mu bashyikirijwe inyandiko zigaragaza umutungo barazujuje baranazigarura, ariko hari n'abatarazigaruye.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 53 19/02/2009 11:48:36

### *3.1.1 Abayobozi Bakuru, Abasenateri, Abadepite, Abaminisitiri*

Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w'Abayobozi Bakuru, Abasenateri, Abadepite n'Abaminisitiri bahawe inyandiko zigaragaza umutungo, abazigaruye n'abatarazigaruye.

| Imbonerahamwe N°10 | Abayobozi Bakuru, Abasenateri, Abadepite, Abaminisitiri | | | |
|---|---|---|---|---|
| **N°** | **Aho bakorera** | **Abazihawe** | **Abazigaruye** | **Abatarazigaruye** |
| 1. | Abayobozi bakuru (Perezida wa Repuburika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Minisitiri w'Intebe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga | 5 | 5 | 0 |
| 2. | Abasenateri | 26 | 25 | 1 |
| 3. | Abadepite | 116 | 111 | 5 |
| 4. | Abaminisitiri n'Abanyamabanga ba Leta | 28 | 28 | 0 |
| | **IGITERANYO** | **175** | **169** | **6** |

### *3.1.2 Abayobozi n'abacungamutungo*

#### *3.1.2.1 Inteko Ishinga Amategeko*

| Imbonerahamwe N°11 | Abayobozi n'abacungamutungo bo mu Nteko Ishinga Amategeko (Imitwe yombi) | | | |
|---|---|---|---|---|
| **N°** | **Aho bakorera** | **Abazihawe** | **Abazigaruye** | **Abatarazigaruye** |
| 1. | Serivisi za Sena | 8 | 8 | 0 |
| 2. | Serivisi z'umutwe w'abadepite | 16 | 15 | 1 |
| | **IGITERANYO** | **24** | **23** | **1** |

#### *3.1.2.2 Ubucamanza n'Ubushinjacyaha*

| Imbonerahamwe N°12 | Abacamanza n'abashinjacyaha | | | |
|---|---|---|---|---|
| **N°** | **Aho bakorera** | **Abazihawe** | **Abazigaruye** | **Abatarazigaruye** |
| 1. | Ubucamanza | 315 | 307 | 8 |
| 2. | Ubushinjacyaha | 132 | 130 | 2 |
| | **IGITERANYO** | **447** | **437** | **10** |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 54 19/02/2009 11:48:37

### *3.1.2.3 Perezidansi na Minisiteri*

| Imbonerahamwe N°13 | Perezidansi na Minisiteri | | | |
|---|---|---|---|---|
| N° | Aho bakorera | Abazihawe | Abazigaruye | Abatarazigaruye |
| 1. | Perezidansi | 27 | 23 | 4 |
| 2. | Serivisi za Minisitiri w'Intebe | 21 | 19 | 2 |
| 3. | Minisiteri y'Ingabo | 299 | 235 | 64 |
| 4. | Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo | 13 | 7 | 6 |
| 5. | Minisiteri y'Ubuzima | 43 | 43 | 0 |
| 6. | Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi | 74 | 71 | 3 |
| 7. | Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage | 12 | 11 | 1 |
| 8. | Minisiteri y'Urubyiruko | 1 | 1 | 0 |
| 9. | Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda, Guteza imbere Ishoramari, Ubukerarugendo n'amakoperative | 8 | 7 | 1 |
| 10. | Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane na za Ambasade | 59 | 54 | 5 |
| 11. | Minisiteri y'Ibikorwa Remezo | 26 | 26 | 0 |
| 12. | Minisiteri y'Uburezi | 43 | 41 | 2 |
| 13. | Minisiteri y'Umutungo kamere | 27 | 21 | 6 |
| 14. | Minisiteri muri Primature Ishinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire | 8 | 8 | 0 |
| 15. | Minisiteri y'Ubutabera | 22 | 22 | 0 |
| 16. | Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu | 135 | 132 | 3 |
| 17. | Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi | 10 | 10 | 0 |
| 18. | Minisiteri ya Siporo n'Umuco | 7 | 7 | 0 |
| IGITERANYO | | 835 | 738 | 97 |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 55 19/02/2009 11:48:38

### 3.1.2.4 Ibigo bya Leta n'ibyo Leta ifitemo imigabane

| Imbonerahamwe N°14 | Ibigo bya Leta n'ibyo Leta ifitemo imigabane | | | |
|---|---|---|---|---|
| N° | Aho bakorera | Abazihawe | Abazigaruye | Abatarazigaruye |
| 1. | CNER | 11 | 11 | 0 |
| 2. | FPP | 4 | 4 | 0 |
| 3. | SETIG | 8 | 8 | 0 |
| 4. | ORTPN | 30 | 28 | 2 |
| 5. | CNJ | 5 | 5 | 0 |
| 6. | IMPRISCO | 16 | 12 | 4 |
| 7. | OCIR – THE | 39 | 38 | 1 |
| 8. | OCIR – CAFE | 12 | 10 | 2 |
| 9. | CAPMER | 4 | 4 | 0 |
| 10. | PRIVATISATION | 5 | 4 | 1 |
| 11. | REMA | 15 | 12 | 3 |
| 12. | MAGERWA | 16 | 16 | 0 |
| 13. | ONATRACOM | 13 | 11 | 2 |
| 14. | ORINFOR | 18 | 17 | 1 |
| 15. | CHU/CHK | 27 | 22 | 5 |
| 16. | CHU/BU | 13 | 13 | 0 |
| 17. | C.F.P. Kavumu | 5 | 5 | 0 |
| 18. | LABOPHAR | 9 | 9 | 0 |
| 19. | C.R.R | 31 | 27 | 4 |
| 20. | RAMA | 45 | 42 | 3 |
| 21. | C.N.L.S | 34 | 33 | 1 |
| 22. | TRAC PLUS | 20 | 19 | 1 |
| 23. | C.N.L. GENOCIDE | 1 | 1 | 0 |
| 24. | C.N.ELECTORALE | 13 | 13 | 0 |
| 25. | RITA | 17 | 14 | 3 |
| 26. | C.N.D.P | 7 | 7 | 0 |
| 27. | R.D.R.C | 39 | 29 | 10 |
| 28. | N.U.R.C | 11 | 11 | 0 |
| 29. | RURA | 15 | 15 | 0 |
| 30 | RBS | 15 | 13 | 2 |
| 31. | S.N.J.GACACA | 13 | 13 | 0 |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 56 19/02/2009 11:48:39

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 32. | ELECTROGAZ | 255 | 227 | 28 |
| 33. | R.C.A.A. | 17 | 15 | 2 |
| 34. | CEPEX | 11 | 11 | 0 |
| 35. | O.C.T.F | 6 | 6 | 0 |
| 36. | C.S.R | 95 | 95 | 0 |
| 37. | RPPA | 44 | 40 | 4 |
| 38. | O.A.G. | 72 | 64 | 8 |
| 39. | R.R.A | 537 | 492 | 45 |
| 40. | SONARWA | 8 | 8 | 0 |
| 41. | FARG | 20 | 20 | 0 |
| 42. | RIEPA | 11 | 7 | 4 |
| 43. | O.N.P | 45 | 29 | 16 |
| 44. | N.S.S | 27 | 26 | 1 |
| 45. | RIAM | 12 | 9 | 3 |
| 46. | RADA | 8 | 8 | 0 |
| 47. | RARDA | 12 | 12 | 0 |
| 48. | R.S.S.P | 22 | 22 | 0 |
| 49. | PADAB | 7 | 7 | 0 |
| 50. | PDRCIU | 10 | 10 | 0 |
| 51. | ISAR | 18 | 18 | 0 |
| 52. | I.R.S.T | 20 | 19 | 1 |
| 53. | N.I.S.R | 14 | 11 | 3 |
| 54. | F G A | 6 | 5 | 1 |
| 55. | Musée Nationale du Rwanda | 10 | 9 | 1 |
| 56. | CAMERWA | 18 | 17 | 1 |
| 57. | B.N.R | 42 | 42 | 0 |
| 58. | B.R.D | 43 | 43 | 0 |
| 59. | B.P.R | 11 | 11 | 0 |
| 60. | B.K | 1 | 1 | 0 |
| 61. | B.H.R | 18 | 18 | 0 |
| 62. | Office de la Mine et de Géologie | 4 | 4 | 0 |
| 63. | National Identity Project | 13 | 9 | 4 |
| **IGITERANYO** | | **1948** | **1781** | **167** |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 57 19/02/2009 11:48:40

### *3.1.2.5 Abayobozi n'abakozi b'Intara, Umujyi wa Kigali, Uturere n'Imirenge*

| Imbonerahamwe N°15 | Abayobozi n'abakozi b'Intara, Umujyi wa Kigali, Uturere n'Imirenge | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **N°** | **Aho bakorera** | | **Abazihawe** | **Abazigaruye** | **Abatarazigaruye** |
| 1. | Abaguverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali | | 5 | 5 | 0 |
| 2. | Abakozi b'Umujyi wa Kigali, Intara, Uturere n'Imirenge | Umujyi wa Kigali | 168 | 140 | 28 |
| | | Intara y'Iburasira-zuba | 204 | 201 | 3 |
| | | Intara y'Iburengera-zuba | 211 | 186 | 25 |
| | | Intara y'Amajyepfo | 217 | 190 | 27 |
| | | Intara y'Amajyaruguru | 181 | 173 | 8 |
| **Igiteranyo** | | | **986** | **895** | **91** |

### *3.1.2.6 Amashuri makuru n'ayisumbuye*

| Imbonerahamwe N°16 | Amashuri makuru n'ayisumbuye | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **N°** | **Aho bakorera** | | **Abazihawe** | **Abazigaruye** | **Abatarazigaruye** |
| 1. | Amashuri makuru | 1. UNR | 29 | 24 | 5 |
| | | 2. KIST | 31 | 24 | 7 |
| | | 3. KHI | 13 | 13 | 0 |
| | | 4. KIE | 19 | 18 | 1 |
| | | 5.ISAE BUSOGO | 22 | 20 | 2 |
| | | 6.SFB Mburabuturo | 10 | 9 | 1 |
| 2. | Amashuri yisumbuye | | 390 | 327 | 63 |
| **Igiteranyo** | | | **514** | **435** | **79** |
| **Igiteranyo Rusange** | | | **4929** | **4478** | **451** |
| **Ijanisha** | | | **100%** | **91%** | **9%** |

**Impugukirwa :**

1. Mu mwaka wa 2008 Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi inyandiko zigaragaza umutungo z'abantu 25 bavuye mu mirimo mu nzego zinyuranye.
2. Abayobozi n'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi 35 bujuje inyandiko zigaragaza umutungo wabo bazishyikiriza Umutwe wa Sena mu bihe biteganywa n'amategeko.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 58 19/02/2009 11:48:41

### *3.1.2.7 Imitwe ya Politiki*

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 25 y'Itegeko ngenga n° 16/2003 ryo ku wa 27/06/2003 rigenga Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki, buri mwaka, bitarenze tariki 31 Werurwe y'umwaka w'ingengo y'imari, imitwe ya politiki igomba gushyikiriza Urwego rw'Umuvunyi ibitabo by'imicungire y'imitungo y'imitwe ya politiki.

- Ku mitwe ya Politiki 9, irindwi ikurikira ni yo yashyikirije Urwego rw'Umuvunyi ibitabo by'imicungire y'umutungo yari ifite mu mwaka wa 2007:

    1. **F**ront **P**atriotique **R**wandais (FPR)
    2. **P**arti **S**ocial **D**émocrate (PSD)
    3. **P**arti **L**ibéral (PL)
    4. **U**nion **D**émocratique du **P**euple **R**wandais (UDPR)
    5. **P**arti du **P**rogrès et de la **C**oncorde (PPC)
    6. **P**arti **D**émocrate **I**déal (PDI)
    7. **P**arti **S**ocialiste **R**wandais (PSR)

- Imitwe ya Politiki 2 ikurikira ntiyatanze ibitabo by'imicungire y'umutungo wayo mu mwaka wa 2007:

    1. Parti Démocrate Centriste (PDC)
    2. Parti de la Solidarité et de la Prosperité (PSP)

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi kopi ya za raporo zerekana imikoreshereze y'imitungo mu mwaka wa 2007 y'amashyaka 8 nk'uko itegeko ribiteganya uretse ishyaka rya PSP.

Ku bantu 4929 bashyikirijwe inyandiko zigaragaza umutungo, 451 ntibazigaruye. Urwego rw'Umuvunyi rwandikiye ubuyobozi bwabo bubasabira ibihano byo mu rwego rw'akazi kandi rukaba rugomba kumenyeshwa ibihano bahawe ibyo ari byo.

Muri abo 451 basabiwe ibihano n'Urwego rw'Umuvunyi, harimo abantu 109 batangiwe ibisobanuro n'inzego bakoramo bijyanye n'uko bamwe bari mu butumwa bw'akazi hanze y'Igihugu, abandi bakaba baravuye mu mirimo.

Abasigaye 342 basabwe kwisobanura bagaha kopi Urwego rw'Umuvunyi, 227 muri bo bandika bisobanura, naho 115 nta bisobanuro bagejeje ku Rwego rw'Umuvunyi.

## 3.2 Gusuzuma inyandiko zigaragaza umutungo

Mu mwaka wa 2008 Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura ry'imitungo y'abantu 227 bari mu byiciro bikurikira:

- Abayobozi n'abacungamutungo wa za Gereza;
- Abakozi ba Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, ab'imishinga ikorera muri Minisiteri y'Umutekano na Minisiteri y'Abakozi ba Leta;
- Abadepite mu Nteko Ishinga amategeko, Umutwe w'Abadepite;
- Abacamanza n'Abashinjacyaha (mu nzego nkuru).



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 59 19/02/2009 11:48:41

Muri rusange igikorwa cy'igenzura ry'imitungo cyakozwe mu byiciro bitatu:

1. Urwego rw'Umuvunyi rwabonanye n'abagenzuwe batanga ibisobanuro ku nkomoko y'imitungo barushyikirije harebwa niba yarabonetse mu buryo bwemewe n'amategeko;
2. Urwego rw'Umuvunyi rwagiye aho iyo mitungo iherereye rureba ko ihari, ko agaciro kayo ari ko kandi ko gahuje n'ibyagaragajwe mu nyandiko zigaragaza umutungo;
3. Urwego rw'Umuvunyi rwifashishije amabanki akorera mu gihugu imbere harebwa niba amakuru yatanzwe ahuye n'ibiri muri banki zibitswamo n'izatanze inguzanyo.

Mu igenzura ry'imitungo Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ku mu mwaka wa 2008 ku bantu 227, iperereza ryagaragaje ko abantu 12 ibisobanuro batanze bidahagije bakaba barashyikirijwe izindi nzego kugirango bakorerwe iperereza rirambuye. Abandi bakozi Urwego rwasanze inkomoko y'imitungo yabo yarabonetse mu buryo bwemewe n'amategeko.

Ku badepite bose bakorewe igenzura mbere y'uko manda yabo irangira, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze inkomoko y'imitungo yabo isobanutse kuko abenshi bagiye bafata inguzanyo mu mabanki anyuranye yo mu Gihugu, ku bandi ikaba ituruka ku mishahara bagiye bakorera mu nzego zinyuranye banyuzemo mbere yo kujya mu Nteko Ishinga Amategeko.


Muri rusange igikorwa cyo gutanga, kwakira no gukurikirana imitungo y'abayobozi n'abacungamutungo wa Leta cyagenze neza, n'ubwo umubare w'abagenzurwa wagiye ugabanuka bitewe n'impamvu zisobanurwa hasi. Imbonerahamwe ikurikira irerekana uburyo icyo gikorwa cyagenze kuva Urwego rw'Umuvunyi rutangiye imirimo yarwo mu mwaka wa 2004.

**Imbonerahamwe N°17** — **Gutanga, kwakira no gusuzuma inyandiko zigaragaza umutungo kuva 2004 kugeza 2008.**

| N° | Umwaka | Abahawe inyandiko | Abagaruye inyandiko | Abatara-garuye inyandiko | Abasabiwe ibihano mu rwego rw'akazi | Abako-rewe igenzura | Ijanisha ry'abako-rewe igenzura |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | 2004 | 3267 | 2770 = 84 % | 497 = 16 % | 497 | 317 | 11% |
| 2. | 2005 | 3490 | 2523 = 72 % | 967 = 28 % | 731 | 450 | 18% |
| 3. | 2006 | 4132 | 3679 = 89 % | 453 = 11 % | 432 | 316 | 9% |
| 4. | 2007 | 4023 | 3526 = 88 % | 497 = 12 % | 447 | 157 | 4% |
| 5. | 2008 | 4929 | 4478 = 91 % | 451 = 9% | 342 | 227 | 5% |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 60 19/02/2009 11:48:42




**Impugukirwa :**

1. Kuva mu mwaka 2006 kugeza mu wa 2008 umubare w'abakorewe igenzura waragabanutse kuko imirimo ijyanye n'igenzura yiyongereye, ikaba ikorwa mu buryo butatu butandukanye bukurikira:

    - kubonana n'abagenzurwa hagamijwe kumenya inkomoko y'imitungo bashyikirije Urwego rw'Umuvunyi hitabwa ku kureba niba yarabonetse mu buryo bwemewe n'amategeko;
    - kujya kureba aho iyo mitungo iherereye mu Gihugu hose harebwa ko ihari, ko agaciro kayo gahuye n'ako bavuze mu nyandiko igaragaza umutungo;
    - Kujya mu mabanki akorera mu Gihugu harebwa niba ibiri mu nyandiko igaragaza umutungo yatanzwe bihuye n'ibiri muri banki zibitswamo n'izatanze inguzanyo.

    Ibi byatumye umubare w'abakorewe igenzura ugabanuka kuko ibikorwa by'ingenzura byiyongereye kuri buri muntu wagenzuwe kandi abakozi bo mu Ishami rishinzwe Imenyekanishamutungo ari bake ugereranyije n'inshingano basabwa kurangiza.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 61 19/02/2009 11:48:43

Mu mwaka wa 2004 n'uwa 2005 abakora igenzura ntibabonanaga n'abakoze imenyekanishamutungo, basuzumaga imitungo hakurikijwe ibyavuzwe mu nyandiko igaragaza umutungo, bikaba byaratumaga umubare w'abagenzurwa uba munini.

2. Muri raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2007, Urwego rw'Umuvunyi rwagaragaje ko hari abantu (8) bari mu nzego zinyuranye batashoboye gusobanura inkomoko y'imitungo yabo bityo bashyikirizwa Polisi y'Igihugu ngo bakorerwe iperereza rirambuye. Raporo ya Polisi y'Igihugu yagaragaje ko dosiye 2 ari zo zashyikirijwe parike ngo zijye mu rukiko, naho izindi 6 ngo yasanze ibisobanuro batanze ari byo. Urwego rw'Umuvunyi rukaba ruzahuza amakuru rufite kuri izo dosiye 6 n'ibyavuye muri Polisi kugira ngo rusuzume niba nta rindi perereza ryakorwa.

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze, rwakira kandi rusuzuma inyandiko zigaragaza imitungo y'abayobozi n'abandi bakozi ba Leta bateganywa n'itegeko. Muri rusange icyo gikorwa cyagiye kitabirwa mu kigero gishimishije, abatarakitabiriye nta mpamvu zifatika batanze bagiye basabirwa ibihano byo mu rwego rw'akazi mu buyobozi bubashinzwe. Igenzura ryakozwe ryagaragaje ko hari bamwe mu bakozi n'abayobozi bafite imitungo badashobora gusobanura inkomoko yayo mu buryo bunyuze mu kuri, bakaba barashyikirijwe inzego z'ubutabera kugira ngo bakurikiranwe.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 62 19/02/2009 11:48:45



# 4. Uburyo bwakoreshejwe mu gushyira mu bikorwa inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi

## 4.1 Gukora inyigo zigamije kureba uko ruswa yifashe mu Gihugu

Mu mwaka wa 2008, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze inyigo ebyiri zigamije kureba imiterere, uburemere n'impamvu zitera ruswa, inyigo imwe ireba ruswa mu nzego z'ibanze, indi ireba ruswa mu Gihugu hose muri rusange.


### *4.1.1 Ruswa mu nzego z'ibanze*

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ubushakashatsi rugamije kureba imiterere n'uburemere bya ruswa mu nzego z'ibanze. Rwasanze abaza ku isonga muri ruswa ari abayobozi bo mu tugari, inyangamugayo za gacaca, local defence Force n'abunzi nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza:




Rapport UMUVUNYI 2008.indd 63 19/02/2009 11:48:48

**Imbonerahamwe N° 18: Imiterere ya ruswa mu nzego z'ibanze**




Ubwo bushakashatsi bwagaragaje kandi impamvu zitera ruswa. Muri ubwo bushakashatsi abaturage bemeje ko impamvu iza ku isonga ari ukubura ubunyangamugayo. Izindi mpamvu zikaba zaza nyuma nk'uko igishushanyo gikurikira kibyerekana.

**Imbonerahamwe N°19: Impamvu zitera ruswa mu nzego z'ibanze**







Rapport UMUVUNYI 2008.indd 64 19/02/2009 11:48:49

### *4.1.2 Ruswa mu Gihugu hose*

Urwego rw'Umuvunyi rwakoresheje inyigo igamije kwerekana uko ruswa yifashe mu Gihugu, impamvu ziyitera n'uburyo bwo kuyirwanya. N'ubwo iyo nyingo itari yarangira, iratanga ishusho y'imiterere ya ruswa mu nzego zitandukanye, uhereye aho ifite uburemere kurusha ahandi.

**Imbonerahamwe N°20: inzego zigaragaramo ruswa n'uko zikurikirana**




## 4.2 Gusuzuma akamaro k'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi

Urwego rw'Umuvunyi rwakoresheje inyigo igamije gusuzuma akamaro k'ibikorwa byarwo mu mwaka wa 2007 kuko hari indi yari yarakozwe ku bikorwa by'imyaka ya 2004-2006. Ikiba kigamijwe ahanini ni ukumenya ahaba hakenewe gushyira ingufu kugira ngo Urwego rubashe gusoza neza inshingano rwahawe ruha serivisi nziza abanyarwanda rukorera.

N'ubwo iyo nyigo na yo itararangira, itanga ishusho muri rusange ko ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi binogeye abo bigenewe, gusa hakaba hakenewe ko inzego zirebwa zakongera ingufu mu gushyira mu bikorwa ibyifuzo n'imyanzuro Urwego rutanga.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 65 19/02/2009 11:48:50

## 4.3 Imibanire y'Urwego rw'Umuvunyi n'izindi nzego



*Umuvunyi Mukuru n'uwari amuherekeje bakiriwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ya Etiopiya.*

Mu rwego rwo guteza imbere ubufatanye n'imibanire myiza n'inzego zo mu bindi bihugu, Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije bitabiriye inama zitandukanye mu Budage, Tanzaniya, Ubushinwa na Indoneziya. Umuvunyi Mukuru yasuye kandi Urwego rwa Ombudsman rwa Etiopiya mu kunoza umubano n'ubufatanye.



*Iyi foto y'urwibutso y'Abavunyi n'intumwa za Komisiyo ishinzwe iyubahirizwa ry'Itegeko Nshinga mu Gihugu cya Burkina Faso.*

Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi na bo boherejwe mu nama mpuzamahanga mu bihugu bya Tanzaniya, Uganda na Burundi.


Urwego rwakiriye abashyitsi batandukanye bari baje mu ngendo shuri. Abo ni intumwa za Komisiyo ishinzwe iyubahirizwa ry'Itegeko Nshinga mu Gihugu cya Burkina Faso, iza Leta y'Amajyepfo ya Sudani n'iz'Inteko Nshingamateka y'Uburundi.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 66 19/02/2009 11:48:52

Mu rwego rwo kurwanya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi inama ya kabiri y'Umuryango w'Ibigo bishinzwe kurwanya ruswa mu bihugu bya East African Community, uzwi ku izina rya **East African Association of Anti-Corruption Authority (EAAACA)** ufite ikicaro i Kampala mu Gihugu cya Uganda.

- Imiyoborere mu nzego z'imirimo ya Leta (Public administration);
- Uburyo bwo gukemura amakimbirane (conflict resolution);
- Amategeko ya Ombudsman (Ombudsman Law);




*Abayobozi b'ibigo by'inzego zishinzwe kurwanya ruswa mu nama.*

Mu kongerera abakozi ubushobozi, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye amahugurwa akurikira:

- Amahugurwa ya kabiri ku buringanire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi (Gender mainstraiming);
- Ubumenyi bwa politiki (Political Sciences);
- Imyitwarire ku kazi (Organisational behaviour);




*Ifoto y'urwibutso ry'itsinda abakozi b'Urwego barimo ryo gusuzuma ibibazo bya ruswa igihe bari mu mahugurwa muri Hong Kong*

- Indimi z'icyongereza n'igifaransa;
- Isuzumabushobozi (Performance evaluation);



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 67 19/02/2009 11:48:56

- Igenzura ry'inzego z'imirimo (Administrative audit);

- Kurwanya ruswa ( Postgraduate Certificate in Corruption Studies) mu gihugu cya Hong Kong;

- Kurwanya ruswa no gushimangira imiyoborere myiza muri Swaziland;

- Ingendo shuri mu bihugu bya Botswana, Iles Maurice, South Africa, Germany, Tanzania.



*Ifoto y'urwibutso abakozi b'Urwego bagiranye na bagenzi babo nyuma yo gusoza amahugurwa agamije kurwanya ruswa mu Gihugu cya Hong Kong.*



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 68 19/02/2009 11:48:59

## 4.4 Ingengo y'imari n'ibikoresho

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano zarwo, Urwego rw'Umuvunyi rwakoresheje ingengo y'imari rugenerwa na Leta yunganiwe n'inkunga ya UNDP na DFID. Iyo ngengo y'imari yafashije kandi kubona ibikoresho binyuranye bikenerwa mu kuzuza inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi.

Haguzwe ibitabo 39 binyuranye birimo ibivuga ku mateka ya jenoside, ruswa, inkoranya n'ibindi. Hari kandi n'ibitabo 17 Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ku buryo bw'impano.

Ibyo bitabo byose byifashishwa n'abayobozi n'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi mu kazi kabo ka buri munsi. Hari kandi abakozi b'ibigo bitandukanye, abanyeshuri bo muri za Kaminuza n'abashakashatsi bakunze kugana isomero ry'Urwego rw'Umuvunyi.

Uretse ibitabo rugura cyangwa rwakira ku buryo bw'impano, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye runajyana mu icapiro imfashanyigisho zikurikira :

- Dusobanukirwe amategeko agenga ubutaka;
- Dusobanukirwe amategeko agenga imiburanishirize y'imanza;
- Dusobanukirwe amategeko agenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura.

Izo mfashanyigisho zifashishwa n'abakozi mu gihe bahugura abaturage ku mategeko anyuranye.

Urwego rw'Umuvunyi rwasohoye ikinyamakuru UMUVUNYI MAGAZINE N° 5, N°6, N°7, N°8 na N° 9 mu rwego rwo gukangurira abaturage kwanga no kwamagana ruswa n'akarengane, bikaba byaratanzwe mu Gihugu hose.

Urwego rw'Umuvunyi rwashakiye abakozi barwo ibikoresho binyuranye byo mu biro bibafasha kurangiza imirimo yabo ya buri munsi.

Mu rwego rw'ikoranabuhanga, inyandiko z'imenyekanishamutungo, ibibazo by'abaturage, inyandiko zijyanye n'icungamutungo ndetse n'izindi nyandiko zinyuranye zabitswe mu buryo bwa gihanga hifashishijwe za mudasobwa.

Mu kumenyekanisha ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi mu baturarwanda, hakoreshwejwe ibiganiro kuri Radio zinyuranye zikorera mu Gihugu na Televiziyo y'u Rwanda, Ikinyamakuru «**UMUVUNYI MAGAZINE**» n'ibindi binyamakuru. Hifashishijwe kandi urubuga rwa Internet mu kumenyekanisha ibyo bikorwa mu Gihugu no hanze yacyo.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 69 19/02/2009 11:49:00

| Imbonerahamwe N°21 | Igaragaza inkomoko y'imari yakoreshejwe mu mwaka wa 2008 |
|---|---|
| **INKOMOKO Y'IMARI** | **AYO URWEGO RW'UMUVUINYI RWAHAWE MU MWAKA WA 2008** |
| Amafaranga yasigaye kuri konti 1201405 ukuboza 2007 | - |
| Amafaranga yasigaye mu isanduku y'Urwego rw'Umuvunyi ukuboza 2007 | 57,998 |
| Amafaranga Urwego rw'Umuvunyi rwahawe umwaka wose ajyanye n'ingengo y'Imari akanyuzwa kuri konti y'Urwego | 348,263,832 |
| Amafaranga y'ibirarane MINECOFIN yahaye Urwego | 14,942,085 |
| Amafaranga Urwego rw'Umuvunyi rwahawe umwaka wose ajyanye n'ingengo y'Imari ataranyujijwe kuri konti y'Urwego | 358,523,377 |
| Andi mafaranga yashyizwe kuri konti 1201405 | 2,119,500 |
| **IGITERANYO** | **723,906,342** |

| Imbonerahamwe N°22 | Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2008 |
|---|---|
| **IMIRONGO Y'INGENGO Y'IMARI** | **AMAFARANGA YAKORESHEJWE KU NGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2008** |
| Amafaranga afasha kugura ibikoresho bya mudasobwa | 13,776,835 |
| Amazi n'umuriro | 1,003,307 |
| Amafaranga y'urugendo hanze y'u Rwanda | 17,434,308 |
| Amafaranga y'ubutumwa mu gihugu | 19,709,001 |
| Amafaranga y'ubutumwa hanze y'u Rwanda | 5,128,149 |
| Gukodesha imodoka zikoreshwa mu mirimo | 68,152,485 |
| Gukodesha ibyumba by'inama n'ibindi | 2,663,640 |
| Ibindi bikenerwa | 17,246,994 |
| Gukoresha no gusana ibikoresho byo mu biro | 6,563,937 |
| Gukoresha no gusana ibikoresho bya tekinike | 30,980,906 |
| Ifatabuguzi by'ibitabo n'ibinyamakuru | 6,260,110 |
| Gucapisha no kwamamaza inyandiko | 10,746,804 |
| Ibiganiro, semineri no guhugurwa | 12,006,454 |
| Agenewe guhugura abakozi | 8,866,195 |
| Amafaranga ku Mpuguke zifashishijwe | 14,574,120 |
| Amafaranga yo kwiyakira ku minsi mikuru ya Leta | 14,627,966 |
| Amafaranga y'iposita | 7,406,836 |
| Itumanaho muri rusange | 30,591,399 |
| Gusemura inyandiko | 37,011,489 |
| Siporo n'imyidagaduro | 947,310 |
| Amafaranga yo kwamamaza | 12,822,329 |
| Imishahara y'Abamandateri n'Abasusitati | 305,867,595 |
| Ubwishingizi CSR bw'Abamandateri n'Abasusitati | 21,769,194 |
| Ubwishingizi RAMA bw'Abamandateri n'Abasusitati | 35,804,556 |
| **IGITERANYO** | **701,969,619** |



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 70 19/02/2009 11:49:01

| Imbonerahamwe N°23 | Irerekana uko ingengo y'imari yakoreshejwe mu mwaka wa 2008 | | |
|---|---|---|---|
| | INGENGO Y'IMARI YARI ITEGANYIJWE | INGENGO Y'IMARI URWEGO RW'UMUVUNYI RWAHAWE | AYASIGAYE KU NGENGO Y'IMARI |
| Imishahara | 402,795,420 | 358,523,377 | 44,272, 043 |
| Amafaranga yo gukoresha mu bikorwa binyuranye by'Urwego rw'Umuvunyi | 348,263,832 | 348,263,832 | - |
| **IGITERANYO** | **751,059,252** | **706,787,209** | **44,644,452** |

Urwego rw'Umuvunyi rwakoresheje kandi amafaranga rwahawe n'abaterankunga (UNDEF/ UNDP na DFID/UNDP) ku buryo bukurikira:

| Imbonerahamwe N°24 | Irerekana amafaranga Urwego rw'Umuvunyi rwahawe n'abaterankunga mu mwaka wa 2008 | | | |
|---|---|---|---|---|
| Umushinga | Ayasigaye kuri konti 2007 | Ayo Urwego rwahawe 2008 | Ayakoreshejwe 2008 | Ayasigaye 2008 |
| UNDEF/UNDP | 20,501,112 Frw | 99,062,034 Frw | 114,950,369 Frw | 4,612,777 Frw |
| DFID/UNDP | - | 158,417,671 Frw | 156,369,086 Frw | 2,048,585 Frw |

Urwego rw'Umuvunyi rwabashije kuzuza inshingano zarwo rwifashishije ingengo y'imari rwagenewe mu mwaka wa 2008 n'amafaranga y'abaterankunga yunganiye iyo ngengo y'imari. Amahugurwa yagenewe abakozi hamwe n'ingendo shuri mu bihugu binyuranye byatumye biyungura ubumenyi bibafasha kuzuza neza inshingano basabwa. Imibanire y'Urwego rw'Umuvunyi n'inzego za Ombudsman zo mu bindi bihugu yarufashije kugurura amarembo no kurushaho gusobanukirwa imikorere yazo, bikaba byaratumye rurushaho kunoza imikorere, nk'uko bigaragazwa n'inyigo zakozwe.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 71 19/02/2009 11:49:01

# 5. Ingorane

Urwego rw'Umuvunyi rwashyize mu bikorwa inshingano rwahawe mu buryo bushimishije, ariko hari n'ingorane rwahuye na zo:

1. Umubare w'abakozi ni muto ugereranyije n'inshingano Urwego rwahawe n'itegeko. Abakozi rufite ni 38 gusa bakorera mu mashami ane arugize, abo bakozi bakaba bagomba gukorera mu Gihugu hose bagenzura imitungo y'abantu bateganywa n'itegeko, bakurikirana ibibazo by'akarengane, ibya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, kandi ibyo bibazo bikaba bihoraho.

2. Hari zimwe mu nzego zishyikirizwa ibibazo, zaba iza Leta cyangwa iz'abikorera ntizigire icyo zibikoraho cyangwa zigatinda gusubiza Urwego rw'Umuvunyi bigatuma umuturage ahera mu gihirahiro.

3. Dosiye zishyikirizwa inzego z'ubutabera zigatinda kuzikurikirana cyangwa ntizikurikiranwe uko bikwiye.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 72 19/02/2009 11:49:02

# 6. Ibyifuzo

- Urwego rw'Umuvunyi rwasanze igikorwa cy'isaranganya kigifite imbogamizi y'uko hari aho gikorwa hirengagijwe inyungu z'abasaranganya, ahandi ntigikorwe kandi abaturage barabisabye ndetse binakwiye. Ni yo mpamvu Urwego rw'Umuvunyi rusaba Minisiteri ifite ubutaka mu nshingano zayo kwihutisha iteka ryerekeranye n'isaranganya nk'uko biteganywa n'itegeko ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo ya 87.

- Urwego rw'Umuvunyi ruracyahura n'ikibazo cyerekeye inyamaswa zica abaturage cyangwa zangiza imitungo yabo. Icyo kibazo kikaba cyarakomeje kugaragara mu turere twegereye Pariki y'Ibirunga na Pariki y'Akagera. Kubera iyo mpamvu, Urwego rw'Umuvunyi rurasaba inzego bireba gufatira umwanzuro icyo kibazo, harebwa uburyo abo baturage bahabwa indishyi, nk'uko byasabwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ndetse n'Inteko Ishinga Amategeko ishingiye kuri raporo z'Urwego rw'Umuvunyi z'umwaka wa 2004-2005 mu ibaruwa n° 799/00/p/CD/SP/AM/2007 Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite yandikiye Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe amugaragariza ibibazo bikeneye gukemurwa mu buryo bwihutirwa.

- Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye abantu basaba ibirarane by'imishahara bakoreye bakiri abarimu cyangwa abandi bakozi ba Leta. Hari ibirarane bigomba kwishyurwa na Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo, ibindi bigomba kwishyurwa n'Uturere cyangwa Intara. Urwego rw'Umuvunyi rurasaba izo nzego, cyane cyane Minisiteri y'Uburezi, Minisiteri y'Imari n'Uturere kwita by'umwihariko kuri icyo kibazo kugira ngo abagifite bishyurwe cyangwa bamenyeshwe inzira zo kwishyurwamo.

- Urwego rw'Umuvunyi rwagejejweho ikibazo cy'abantu bari abakozi mu nzego



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 73 19/02/2009 11:49:03

zitandukanye za Leta bafunzwe bakaza gufungurwa baragizwe abere n'inzego z'Ubutabera bakaba basaba imishahara yabo y'igihe cyose bari bafunzwe. Abo bakozi basaba amafaranga y'imishahara mu gihe bafunzwe bagendeye ku ngingo ya 20 y'Itegeko-Teka ryo ku wa 19/03/1974 rigena amategeko rusange agenga abakozi ba Leta ivuga ko "*umukozi wa Leta wahagaritse umurimo bitari igihano akomeza guhembwa*" no ku ibaruwa n° 483/11.23 yo ku wa 26/07/1996 ya Minisitiri w'Abakozi ba Leta yandikiye Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi ivuga ko "*abakozi ba Leta bafunzwe by'agateganyo, umushahara wabo uhagarikwa. Iyo barekuwe nta cyaha kibagaragayeho, barawusubizwa wose, ariko baramuka babonetseho icyaha bagahanwa, ntibagire uwo babona mu gihe cyose batakoze*". Urwego rw'Umuvunyi rwari rwandikiye Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo ibaruwa n° OMB 03/2088/10.08/BLK yo ku wa 16/10/2008 rwibutsa ibaruwa n° OMB 03/0319/04/06/BF yo ku wa 20/04/2006 rusaba ko icyo kibazo cyabonerwa umuti wa burundu.

– Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'utugari bagaragaje impungenge baterwa n'ikomatanya ry'imirimo: bakira ibibazo by'abaturage mu rwego rw'ubuyobozi, umuturage utishimiye umwanzuro ahawe akaregera abunzi, agasanga umwanditsi ari wa Munyamabanga Nshingwabikorwa w'akagari ari na we uzajya gushyira mu bikorwa umwanzuro w'abunzi nk'umuhesha w'inkiko, bityo ntamugirire icyizere kuko yumva afite uruhare mu kumurenganya. Urwego rw'Umuvunyi rurasaba Minisiteri y'Ubutabera na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu gusuzuma icyo kibazo byaba ngombwa itegeko ngenga N° 31/2006 ryo ku wa 14/08/2006 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya komite y'abunzi, cyane cyane mu ngingo ya 5 iteganya umunyamabanga wa komite y'abunzi rikaba ryavugururwa.

– Amateka amwe n'amwe yuzuza amategeko agenga inzego z'ibanze ntarashyirwaho ku buryo bibangamira imikorere y'izo nzego. Urwego rw'Umuvunyi rurasaba inzego zishinzwe gutegura ayo mateka kwihutisha icyo gikorwa.

– Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano nyinshi ruhabwa n'itegeko ariko rukagira umubare w'abakozi udahagije (38). Urwego rurasaba ko Minisiteri y'Abakozi ba Leta yasuzuma icyo kibazo ikagifatira umwanzuro.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 74 19/02/2009 11:49:04

# Umwanzuro

Raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi y'umwaka wa 2008 iragaragaza ibyagezweho hakurikijwe inshingano rwahawe.

Urwego rw'Umuvunyi rwagize uruhare mu gukemura ibibazo rwagejejweho haba ku cyicaro cyarwo cyangwa mu ngendo rukorera hirya no hino mu Gihugu.

Guhuza umuturage n'inzego za Leta n'izigenga hagamijwe gukemura ibibazo hagati y'ababifitanye ni bumwe mu buryo Urwego rwahisemo bwo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo.

Urwego rw'Umuvunyi rwasuye inzego za Leta zitandukanye rusuzuma niba imikorere yazo idaha icyuho akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, rutanga inama z'uburyo bwo kunoza imikorere. Hasuwe za Minisiteri, Ibigo bya Leta, Intara, n'inzego z'ibanze. Mu kurushaho kuzuza inshingano zarwo, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze inyigo zigamije gusesengura imiterere n'uburemere bwa ruswa mu nzego z'ibanze no mu Gihugu hose, no kumenya akamaro k'ibikorwa byarwo. Izo nyigo zikaba zizafasha Urwego kumenya aho rushyira imbaraga cyane.

N'ubwo ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye byiyongereye ugereranyije n'umwaka wa 2007, rwasanze inzego z'ibanze zigerageza gukemura ibibazo by'abaturage uretse bamwe batishimira imyanzuro y'inkiko bakagana Urwego rw'Umuvunyi. Abaturage batangiye gukangukira uburenganzira bwabo no gutanga amakuru y'aharangwa ruswa.

Urwego rw'Umuvunyi rurashima inzego zose zarufashije kuzuza inshingano zarwo mu gukemura ibibazo by'akarengane na ruswa no mu kurugira inama kugira ngo rurusheho kunoza imikorere yarwo.

Ruboneyeho umwanya wo gushishikariza inzego rushyikiriza ibibazo by'abarugana kujya zitanga ibisubizo na raporo ku gihe kugira ngo hubahirizwe amategeko.



Rapport UMUVUNYI 2008.indd 75 19/02/2009 11:49:04

Rapport UMUVUNYI 2008.indd 76 19/02/2009 11:49:04